ITEGEKO NGENGA N°06/2006 RYO KUWA 15/02/2006 RIGENA IMIKORERE Y'UMUTWE W'ABADEPITE MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO NK'UKO RYAHINDUWE KANDI RYUJUJWE KUGEZA UBU	**ORGANIC LAW N°06/2006 OF 15/02/2006 ESTABLISHING INTERNAL RULES OF PROCEDURE OF THE CHAMBER OF DEPUTIES IN THE PARLIAMENT AS MODIFIED AND COMPLEMENTED TO DATE**	**LOI ORGANIQUE N° 06/2006 DU 15/02/2006 PORTANT REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DE LA CHAMBRE DES DEPUTES DU PARLEMENT TELLE QUE MODIFIEE ET COMPLETEE A CE JOUR**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT TO BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT :**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 05 Mutarama 2011;	The Chamber of Deputies, in its session of 05 January 2011;	La Chambre des Députés, en sa séance du 05 Janvier 2011;
Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 29 Ugushyingo 2010;	The Senate, in its session of 29 November 2010;	Le Sénat, en sa séance du 29 novembre 2010;
Ishingiye ku itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 58, iya 61, iya 62, iya 65, iya 66, iya 67, iya	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 58, 61, 62, 65, 66, 67, 69, 71,72, 73, 76, 77, 78, 79, 88, 90, 92,93, 94, 95, 108, 134, 193 and 201;	Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 58, 61, 62, 65, 66, 67, 69, 71,72, 73, 76, 77, 78, 79, 88, 90, 92, 93, 94, 95,

69, iya 71, iya 72, iya 73, iya 76, iya 77, iya 78, iya 79, iya 88, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 134, iya 193 n'iya 201; Isubiye ku itegeko ngenga n° 06/2006 ryo kuwa 15/02/2006 rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu , cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 3, iya 4, iya 6, iya 7, iya 8, iya 10, iya 13, iya 14, iya 15, iya 16, iya 17, iya 18, iya 19, iya 20, iya 23, iya 25, iya 26, iya 27, iya 28, iya 29, iya 30, iya 31, iya 32, iya 33, iya 36, iya 38, iya 42, iya 44, iya 48, iya 50, iya 51, iya 53, iya 55, iya 56, iya 58, iya 59, iya 65, iya 66, iya 67, iya 68, iya 69, iya 73, iya 78, iya 82, iya 86, iya 87, iya 90, iya 91, iya 94, iya 97, iya 103, iya 108, iya 109, iya 111, iya 114, iya 119,iya 122, iya 126, iya 130, iya 131, iya 137,iya 139, iya 140, iya 141, iya 143, iya 151, iya 152, iya 153, iya 154, iya 156, iya 158, n' iya 164;	Having reviewed Organic Law no 06/2006 of 15/02/2006 establishing Internal Rules of Procedure of the Chamber of Deputies in the Parliament as modified and complemented to date, especially in Articles 2, 3, 4, 6, 7, 8, 10, 13, 14, 15, 16, 17, 18, 19, 20, 23, 25, 26, 27, 28, 29, 30, 31, 32, 33, 36, 38, 42, 44, 48, 50, 51, 53, 55, 56, 58, 59, 65, 66, 67, 68, 69, 73, 78, 82, 86, 87, 90, 91, 94, 97, 103, 108, 109, 111, 114, 119, 122, 126, 130, 131, 137, 139, 140, 141, 143, 151, 152, 153, 154, 156, 158, 164;	108, 134, 193 et 201; Revu la Loi organique n° 06/2006 du 15/02/2006 portant Règlement d'Ordre Intérieur de la Chambre des Députés du Parlement telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en ses articles 2, 3, 4, 6, 7, 8, 10, 13, 14, 15, 16,17, 18,19, 20, 23, 25, 26, 27, 28, 29, 30, 31, 32, 33, 36, 38, 42, 44, 48, 50, 51, 53, 55, 56, 58, 59, 65, 66, 67, 68, 69, 73, 78, 82, 86, 87, 90, 91, 94, 97, 103, 108, 109, 111, 114, 119, 122, 126, 130, 131, 137, 139, 140, 141, 143, 151, 152, 153, 154, 156, 158, 164;

YEMEJE:	**ADOPTS:**	**ADOPTE:**
INTERURO YA MBERE : IBYEREKEYE IMITERERE N'IMIKORERE Y'UMUTWE W'ABADEPITE	**TITLE ONE: STRUCTURE AND FUNCTIONING OF THE CHAMBER OF DEPUTIES**	**TITRE PREMIER : DE LA STRUCTURE ET DU FONCTIONNEMENT DE LA CHAMBRE DES DEPUTES**
UMUTWE WA MBERE : IBYEREKEYE ISHYIRWAHO N'IRAHIRA RY'ABAGIZE UMUTWE W'ABADEPITE	**CHAPTER ONE: APPOINTMENT AND TAKING OATH OF MEMBERS OF THE CHAMBER OF DEPUTIES**	**CHAPITRE PREMIER : DE LA DESIGNATION ET DE LA PRESTATION DE SERMENT DES DEPUTES**
Ingingo ya mbere :	**Article one:**	**Article premier :**
Iri tegeko ngenga rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko.	This organic law establishes the internal rules of procedure of the Chamber of Deputies in the Parliament.	La présente loi organique porte règlement d'ordre intérieur de la Chambre des Députés du Parlement.
Ingingo ya 2: Abagize Umutwe w'Abadepite, uko batorwa n'irahira ryabo (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya mbere)	**Article 2: Members of Chamber of Deputies, modalities of their election and taking oath (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article one)**	**Article 2: Membres de la Chambre des Députés, modalités de leur élection et de prestation de serment (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article premier)**
Abadepite batorwa hubahirijwe ibiteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 76 n'iya 77.	Deputies are elecetd in accordance with the provisions of the Constitution of the Republic of Rwanda as amended to date, especially in Articles 76 and 77.	Les Députés sont élus conformément aux dispositions de la Constitution de la République du Rwanda telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 76 et 77.
Mbere yo gutangira imirimo, abagize Umutwe w'Abadepite barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika indahiro iteganywa mu ngingo ya 61 y'Itegeko Nshinga nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, ataboneka bakarahirira imbere ya Perezida	Before taking office, Members of the Chamber of Deputies shall take an oath provided for under Article 61 of the Constitution as amended to date, before the President of the Republic, and in case of his/her absence, before the President of the Supreme Court.	Avant d'entrer en fonction, les Députés prêtent le serment prévu par l'article 61 de la Constitution telle que révisée à ce jour devant le Président de la République, et en son absence, devant le Président de la Cour Suprême

w'Urukiko rw'Ikirenga.		
<u>Ingingo ya 3 :</u> Itorwa na manda y'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite	**<u>Article 3 :</u> Election and term of office of Members of the Bureau of the Chamber of Deputies**	**<u>Article 3 :</u> Election et Mandat des membres du Bureau de la Chambre des Députés**
(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 2	**(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 2)**	**(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 2)**
Mu ntangiriro ya buri manda y'Abadepite, inama yayo ya mbere iharirwa itora rya Biro igizwe na Perezida na ba Visi Perezida babiri (2) batorwa mu bagize Umutwe w'Abadepite. Iyo nama itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'itangazwa ry'amajwi.	On commencement of each term of the legislature, the first sitting shall be devoted to the election by the members of the Chamber of Deputies of the Bureau made up of the Speaker and two (2) Deputy Speakers. Such a sitting shall be convened and presided over by the President of the Republic within fifteen (15) days from the publication of election results.	A l'ouverture de chaque législature, la première séance est consacrée à l'élection du Bureau de la Chambre des Députés composé d'un Président et de deux (2) Vice-Présidents. Cette séance est convoquée et présidée par le Président de la République endéans quinze (15) jours de la publication des résultats du scrutin.
Umwe mu ba Visi-Perezida ashinzwe gukurikirana iby'amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, undi ashinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi.	One Deputy Speaker is responsible for legal affairs and control of government action and the other is responsible for finance and administration related activities."	Un des Vice-Présidents est chargé des affaires législatives et du contrôle de l'action gouvernementale, l'autre est chargé des activités relatives aux finances et à l'administration.
Itorwa ry'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite rikorwa mu ibanga ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bahari. Buri wese mu bagize Biro y'Umutwe w'Abadepite atorwa ukwe.	The election of members of the Bureau of the Chamber of Deputies shall be conducted by secret ballot and by an absolute majority vote of the Deputies present. Each member of the Bureau of the Chamber of Deputies shall be elected in a separate ballot.	L'élection des membres du Bureau de la Chambre des Députés se fait au scrutin secret et à la majorité absolue des voix des Députés présents. Chacun des membres du Bureau de la Chambre des Députés est élu séparément.
Iyo nta mukandida mu biyamamaza ku mwanya w'abagize Biro ugize amajwi ya ngombwa, itora risubirwamo.	If there is no candidate for election as member of the Bureau with the required votes, the voting shall be repeated.	Lorsqu'aucun des candidats à l'élection des membres du Bureau n'obtient la majorité requise, l'élection est reprise.

Mu gihe ubwiganze burunduye bw'amajwi butabonetse ku nshuro ya kabiri, urushije abandi amajwi aba atowe.	In case no candidate receives an absolute majority of votes in the second round of voting, a candidate with the highest number of votes shall be deemed to be elected.	Lorsque la majorité absolue des voix n'est pas obtenue au second tour, le candidat qui obtient le plus grand nombre de voix est déclaré élu.
Abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite batorerwa manda y'igihe cy'imyaka itanu (5); ingana n'igihe cya manda y'abagize Umutwe w'Abadepite.	Members of the Bureau of the Chamber of Deputies shall be elected for a term of five (5) years, equal to the term of office of Members of the Chamber of Deputies.	Les membres du Bureau de la Chambre des Députés sont élus pour un mandat de cinq (5) ans, égal à la durée du mandat des membres de la Chambre des Députés.
Mbere yo gutangira imirimo, abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika.	Before taking office, Members of the Bureau of the Chamber of Deputies shall take oath before the President of the Republic."	Avant d'entrée en fonction, les membres du Bureau de la Chambre des Députés prêtent serment devant le Président de la République.»
<u>Ingingo ya 4 :</u> Ihame ry'uko Perezida wa Repubulika na Perezida w'Umutwe w'Abadepite badaturuka mu mutwe wa politiki umwe	**<u>Article 4 :</u> Principe on the fact that the President of the Republic and the Speaker of the Chamber of Deputies shall belong to different political organisations**	**<u>Article 4 :</u> Principe d'appartenance politique différente du Président de la République et du Président de la Chambre des Députés**
(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 3)	**(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 3)**	**(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 3)**
Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 58 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu**,** Perezida wa Repubulika na Perezida w'Umutwe w'Abadepite ntibashobora guturuka mu mutwe umwe wa politiki.	As provided under Article 58 of the Constitution of the Republic of Rwanda as amended to date, the President of the Republic and the Speaker of the Chamber of Deputies shall belong to different political organizations.	Tel que prévu par l'article 58 de la Constitution de la République du Rwanda telle que révisée à ce jour, le Président de la République et le Président de la Chambre des Députés ne peuvent provenir d'une même formation politique.

Ingingo ya 5:	**Article 5 :**	**Article 5 :**
Abadepite bashyikiriza Urwego rw'Umuvunyi inyandiko igaragaza umutungo nyakuri wabo mu gihe cy'ukwezi batangiye imirimo yabo, buri mwaka n'igihe bavuye kuri iyo mirimo.	Deputies shall submit to the Office of the Ombudsman their faithfulbn declaration of assets in a period of one month after taking office, annually, and at the end of their term of office.	Les Députés adressent à l'Office de l'« Ombudsman » la déclaration sur l'honneur de leurs biens et patrimoine dans un délai d'un mois à compter de leur entrée en fonction, chaque année et lors de leur cessation de fonction.
UMUTWE WA II: IBYEREKEYE ISIMBURWA RY'ABAGIZE BIRO	**CHAPTER II: REPLACEMENT OF THE MEMBERS OF BUREAU**	**CHAPITRE II: DU REMPLACEMENT DES MEMBRES DU BUREAU**
Ingingo ya 6: Kwemeza ko abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite bava mu myanya	**Article 6: Adoption of vacation of office of Members of the Bureau of the Chamber of Deputies**	**Article 6: Constant de la cessation définitive des fonctions des membres du Bureau de la Chambre des Députés**
(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 4)	**(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 4)**	**(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 4)**
Umutwe w'Abadepite ni wo wemeza ko Perezida cyangwa ba Visi-Perezida cyangwa umwe muri bo bavuye burundu mu myanya yabo, hakurikijwe ubwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bakoraniye mu nama idasanzwe y'Inteko Rusange.	The Chamber of Deputies shall determine whether the office of the Speaker or that of one or both Deputy Speakers is vacated by an absolute majority vote of the Members present in an extraordinary sitting of the Plenary Assembly.	La Chambre des Députés constate la cessation définitve des fonctions du Président ou des Vice-Présidents ou d'un des Vice-Président, conformément à la majorité absolue des voix des Députés réunis en séance extraordinaire de l'Assemblée Plénière.
Mu gihe Perezida w'Umutwe w'Abadepite avuye muri uwo mwanya burundu, Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana iby'amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni we umusimbura. Atumiza kandi akanayobora inama yo kubyemeza. Amenyesha inzego bireba ko Perezida w'Umutwe w'Abadepite	When the Speaker of the Chamber of Deputies definitively vacates his/her office, he/she shall be replaced by the Deputy Speaker responsible for legal affairs and control of Government action. The latter shall convene and preside over the sitting devoted to adopting such vacation of office. He/she shall notify	Lorsque le Président de la Chambre des Députés cesse définitivement ses fonctions, il est remplacé par le Vice-Président chargé des affaires législatives et du contrôle de l'action gouvernementale. Celui-ci convoque et préside la séance consacrée à l'approbation de ladite cessation

yavuye muri uwo mwanya burundu.	relevant organs of the vacation of office of the Speaker of the Chamber of Deputies.	définitive de fonction. Il informe les organes concernés de la cessation définitive de fonction du Président de la Chambre des Députés.
Mu gihe ari Perezida w'Umutwe w'Abadepite n'umwe muri ba Visi Perezida bavuye mu mirimo yabo, inama idasanzwe y'Inteko Rusange yo kubyemeza burundu itumizwa kandi ikayoborwa na Visi Perezida usigaye, ari nawe umenyesha inzego bireba ko abandi bagize Biro batakiri mu myanya.	When both the Speaker of the Chamber of Deputies and one Deputy Speaker vacate their offices, the extraordinary sitting of the Plenary Assembly devoted to adopting such vacation of office shall be convened and presided over by the other Deputy Speaker who will also notify relevant organs that the offices of other members of the Bureau are vacated.	Lorsque le Président de la Chambre des Députés et l'un des Vice-Présidents cessent définitivement leurs fonctions, la séance extraordinaire de l'Assemblée Plénière consacrée à l'approbation de leur cessation définitive de fonction est convoquée et présidée par le Vice-Président restant qui informe également les organes concernés de la cessation définitive de fonction des autres membres du Bureau.
Mu gihe ari umwe cyangwa bombi mu ba Visi-Perezida bavuye mu mirimo yabo , inama idasanzwe y'Inteko Rusange yo kubyemeza burundu itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite ari nawe umenyesha inzego bireba ko umwe cyangwa bombi muri ba Visi Perezida batakiri muri uwo mwanya.	If one or both Deputy Speakers vacate their offices, the extraordinary sitting of the Plenary Assembly devoted to adopting such vacation of office shall be convened and presided over by the Speaker of the Chamber of Deputies who will also notify relevant organs that the offices of one or both Deputy Speakers are vacated.	Lorsqu'un des Vice-Présidents ou les deux cessent définitivement leurs fonctions, la séance extraordinaire de l'Assemblée Plénière consacrée à l'approbation de leur cessation définitive de fonction est convoquée et présidée par le Président de la Chambre des Députés qui en informent les organes compétents de la cessation définitive de fonction d'un ou des deux Vice- Présidents.
Usigaye mu bagize Biro akora imirimo isanzwe y'Umutwe w'Abadepite uretse kuyobora Inteko Rusange.	A member of the Bureau remaining in office shall run the routine business of the Chamber of Deputies with the exception of that of presiding over the Plenary Sitting.	Le membre restant du Bureau assure la gestion des affaires courantes de la Chambre des Députés, excepté de présider l'Assemblée Plénière.
Mu gihe abagize Biro bose bavuye mu mirimo yabo, inama idasanzwe y'Inteko Rusange yo kubyemeza burundu itumizwa kandi ikayoborwa n'Umudepite mukuru mu myaka y'amavuko mu bafite uburambe	If the offices of the entire Bureau are vacated, the longest-serving members of the Chamber of Deputies shall convene and preside over the extraordinary sitting devoted to adopting such vacation of offices upon	Lorsque tous les membres du Bureau cessent définitivement leurs fonctions, la séance extraordinaire de l'Assemblée Plénière consacrée à l'approbation de leur cessation définitive de

busumbye ubw'abandi mu Mutwe w'Abadepite, abisabwe nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Umutwe w'Abadepite. Amenyesha inzego bireba ko abagize Biro bavuye mu mirimo yabo burundu.	request by a third (1/3) of members of the Chamber of Deputies. He/she shall notify relevant organs that the offices of the entire Bureau are vacated.	fonction est convoquée et présidée par le Député le plus agé parmi les Députés et ayant le plus d'ancienneté à la Chambre des Députés, sur demande d'au moins un tiers (1/3) des membres de la Chambre des Députés. Il informe les organes compétents de la cessation définitive de fonction de tous les membres du Bureau.
Uwo Mudepite mukuru mu myaka y'amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw'abandi mu mirimo *y*'ubudepite akora imirimo isanzwe y'Umutwe w'Abadepite uretse kuyobora Inteko Rusange.	Such Deputy who is the oldest of the longest-serving members of the Chamber of Deputies shall run the routine business of the Chamber of Deputies with the exception of that of presiding over the Plenary Sitting.	Ce Député plus âgé parmi les Députés et ayant le plus d'ancienneté à la chambre des Député assure la gestion des affaires courantes de la Chambre des Députés, excepté de présider l'Assemblée Plénière.
Inama igamije gusimbura abagize Biro yose cyangwa umwe mu bagize Biro y'Umutwe w'Abadepite itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Repubulika ari na we uyobora iryo tora mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu[30] uhereye ku munsi Umutwe w'Abadepite wemereje ko bavuye burundu mu mirimo yabo.	A sitting devoted to replacing one or all members of the Bureau shall be convened and presided over by the President of the Republic who will also supervise such an election within thirty (30) days from the adoption by the Chamber of Deputies of vacation of such offices."	La séance consacrée au remplacement de tous les membres du Bureau ou d'un membre du Bureau de la Chambre des Député est convoquée et présidée par le Président de la République qui supervise également les élections dans les trente (30) jours à compter du jour de l'approbation par la Chambre des Députés de la cessation définitive de fonctions des membres du Bureau.
Utorewe gusimbura uvanywe muri Biro arangiza manda y'uwo asimbuye".	The person so elected to replace a member who has been removed from the Bureau shall serve for the unexpired portion of the term.	La personne élue pour remplacer un membre du Bureau qui cesse ses fonctions achève le terme du mandat restant à courir.

<u>Ingingo ya 7</u>: Gutumiza inama idasanzwe y'Inteko Rusange yo kwemeza ko umwe cyangwa bose mu bagize Biro bavuye mu myanya **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 5)** Inama idasanzwe ivugwa mu ngingo ya 6 y'iri Tegeko Ngenga itumizwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa Visi-Perezida w'Umutwe w'Abadepite, abyibwirije cyangwa abisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Umutwe w'Abadepite, bitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi guhera igihe aboneye inyandiko ibisaba. Umudepite mukuru mubafite uburambe busumbye ubw'abandi mu Mutwe w'Abadepite atumiza iyo nama mu gihe cyavuzwe mu gika kibanza abisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cya'abagize Umutwe w'Abadepite. **<u>Ingingo ya 8</u> : Yavanywemo n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 6)**	**<u>Article 7</u> : Convening extraordinary session to determine whether the post of the Speaker or Deputy Speakers have fallen vacant** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 5** The extraordinary session referred to under Article 6 of this organic law shall be convened by the Speaker or the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies, from their initiative or upon request in writing by at least a third (1/3) of the members of the Chamber of Deputies, within a period not exceeding two (2) working days from the time of the receipt of the request. The he oldest of the longest-serving members of the Chamber of Deputies shall convene the said meeting in the previous paragrapheupon written request by at least a third (1/3) of the members of Chamber of Deputies." **<u>Article 8</u> : Repealing by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 6)**	**<u>Article 7</u> : Convocation de la séance extraordinaire pour constater qu'un membre ou tous les membres du Bureau** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 5)** La séance extraordinaire visée à l'article 6 de la présente loi organique est convoquée par le Président ou le Vice-Président de la Chambre des Députés, de leur initiative ou sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) des membres de la Chambre des Députés, dans un délai n'excédant pas deux (2) jours ouvrables à partir de la reception de la demande. Le Député le plus âgé parmi les Députés ayant le plus d'ancienneté à la Chambre des Députés convoquera ladite séance dont question à l'alinéa précédent sur demande ecrite au moins d'un tiers des membres de la Chambre des Députés. **<u>Article 8</u> : Abrogé par la loi Organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 6)**

UMUTWE WA III: IBYEREKEYE ISIMBURWA RY'ABADEPITE	**CHAPTER III : REPLACEMENT OF DEPUTIES**	**CHAPITRE III : DU REMPLACEMENT DES DEPUTES**
Ingingo ya 9:	**Article 9 :**	**Article 9** :
Umudepite weguye ku murimo w'Ubudepite ku mpamvu zinyuranye ashyikiriza Perezida w'Umutwe w'Abadepite ibaruwa y'iyegura rye, akagenera kopi Perezida wa Repubulika. Perezida w'Umutwe w'Abadepite abigeza ku nzego bireba mu gihe kitarenze iminsi (3) itatu y'akazi.	A Deputy, who resigns from office due to different reasons submits to the Speaker a letter of resignation and reserves a copy to the President of the Republic. The Speaker forwards it to relevant authorities in a period not exceeding three (3) working days.	Un Député qui, suite à différentes raisons, démissionne de la fonction de Député, adresse la lettre de démission au Président de la Chambre des Députés et en réserve copie au Président de la République. Le Président de la Chambre des Députés en informe les organes concernés dans un délai n'excédant pas trois (3) jours ouvrables.
Ingingo ya 10: Uburyo Umudepite ava mu mwanya (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 7)	**Article 10 :Replacement of a Deputy (Article modified by the Organic LawN°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 7)**	**Article 10 : Remplacement d'un Député (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 7)**
Umudepite ava mu mwanya w'ubudepite ku mpamvu zikurikira : 1° yeguye mu Mutwe w'Abadepite; 2° yirukanywe mu Mutwe w'Abadepite; 3° asezeye mu mutwe wa politiki yatorewemo; 4° yirukanywe mu mutwe wa politiki yatorewemo mu buryo buteganywa n'itegeko ngenga ryerekeye imitwe ya politiki; 5° agiye mu wundi mutwe wa politiki; 6° apfuye.	A Deputy shall lose his/her seat in the following cases : 1° resignation from the Chamber of Deputies; 2° expelling from the Chamber of Deputies; 3° resignation from his/her political organization ; 4° expelling from the political organization to which he/she belongs in accordance with provisions of the organic law governing political organizations; 5° joining of another political organization; 6° death.	Un Député perd son siège dans les cas suivants : 1° sa démission de la Chambre des Députés ; 2° son exclusion de la Chambre des Députés ; 3° sa démission de la formation politique qui l'a parrainé dans les élections ; 4° son exclusion de sa formation politique conformément à la loi organique régissant les formations politiques; 5° changement de formation politique; 6° en cas de décès.

Impaka zishingiye ku cyemezo cyo kwirukana Umudepite mu Mutwe w'Abadepite cyangwa mu Mutwe wa Politiki ziburanishwa ku rwego rwa mbere n'urwa nyuma n'Urukiko rw'Ikirenga. Iyo Umudepite atakaje cyangwa akuwe mu murimo we w'ubudepite, umwanya uhabwa ukurikiraho ku ilisiti yatoreweho akarangiza igihe cya manda gisigaye iyo kirenze umwaka umwe. Abandi batowe bitanyuze mu buryo bw'amalisiti iyo batakaje cyangwa bakuwe ku murimo w'ubudepite amatora asubirwamo. Uburyo abavuye ku mwanya w'Ubudepite ku mpamvu iyo ari yo yose basimburwa bugenwa n'itegeko rigenga amatora. **<u>Ingingo ya 11</u>:** Iyo Umudepite apfuye, asimburwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 10 y'iri tegeko ngenga.	Disputes relating to the decision to expel a Deputy from the Chamber of Deputies or from a political organisation are adjudicated by the Supreme Court in the first and last instance. In the event of a Deputy losing or being removed from office when his/her term still has more than one year, the seat vacated shall devolve upon the person who was next on the list on which he / she was elected. Deputies who were elected by means other than through lists of political organizations who lose or are removed from office are replaced through fresh elections. The law relating to elections provides for modalities to replace a Deputy who leaves his/her position for whatever reason." **<u>Article 11 :</u>** In case a deputy dies, he or she is replaced according to provisions of article 9 of this organic law.	Les contestations relatives à la décision d'exclure un Député de la Chambre des Députés ou de sa formation politique sont jugées en premier et dernier ressort par la Cour Suprême. En cas de perte ou de déchéance du mandat de Député, le siège vacant est dévolu au suppléant qui achève le terme restant s'il est supérieur à une année. Lorsque les Députés qui n'ont pas été élus sur les listes des formations politiques perdent leurs sièges, il est procédé à de nouvelles élections. La loi relative aux élections détermine les modalités de remplacement d'un Député qui n'exerce plus ses fonctions pour une raison quelconque.» **<u>Article 11 :</u>** Lorsqu'un Député décède, il est remplacé conformément aux dispositions de l'article 10 de la présente loi organique.

UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE IMITERERE Y'UMUTWE W'ABADEPITE	**CHAPTER IV : STRUCTURE OF THE CHAMBER OF DEPUTIES**	**CHAPITRE IV : DE LA STRUCTURE DE LA CHAMBRE DES DEPUTES**
Icyiciro cya mbere : Ibyerekeye Inteko Rusange	**Section one : Plenary Sitting**	**Section première : Des Séances Plénières**
Ingingo ya 12 :	**Article 12 :**	**Article 12** :
Imirimo y'Inteko Rusange itangira i saa cyenda (15h00) ku minsi y'akazi ikarangira i saa kumi n'ebyiri (18h00').	The sittings of the Plenary Session begin at three (3:00 p.m) during working days and end at six (6:00p.m).	Les travaux en Séance Plénière débutent à quinze heures (15h00) tous les jours ouvrables et sont clôturés à dix-huit heures (18h00).
Amasaha yo gutangira cyangwa gusoza imirimo y'Inteko Rusange ashobora guhinduka byemejwe ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bahari.	The opening or closing hours of the Plenary Sitting may be changed upon approval by absolute majority vote of the Deputies present.	Les heures d'ouverture ou de clôture des travaux des Séances Plénières peuvent être modifiées par la majorité absolue des Députés présents.
Perezida w'Umutwe w'Abadepite na ba Visi-Perezida bombi ntibashobora kugira rimwe mu butumwa cyangwa gukora indi mirimo ibabuza kuyobora imirimo y'Inteko Rusange. Babiri nibura mu bagize Biro y'Umutwe w'Abadepite bagomba kuba bahari.	The Speaker and the Deputy Speakers can not be on official mission at the same time or carry out other activities that can prevent them from presiding over the Plenary Sitting. At least two of the members of the Bureau are required to be present .	Le Président et les deux Vice-Présidents de la Chambre des Députés ne peuvent ni partir en même temps en mission ni s'occuper d'autres activités qui les empêchent de diriger les travaux de la Séance Plénière. Au moins deux des membres du Bureau de la Chambre des Députés doivent être présents.
Ingingo ya 13: Ibyicaro by'Abadepite mu cyumba cy'Inteko Rusange (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 8)	**Article 13 : Deputies' seats in the plenary (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 8)**	**Article 13 : Sièges des Députés à l'Assemblée Plénière (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 8)**
Abadepite bahabwa ibyicaro bihoraho mu Ngoro	Deputies are given permanent seats in the Plenary Hall	Les sièges des Députés dans la salle plénière sont

y'Umutwe w'Abadepite hakurikijwe ubukurikirane bw'inyuguti zitangira amazina bwite yabo.	in accordance with alphabetical order of their surnames.	permanantes ils leur sont attribués par ordre alphabétique de leurs noms propres.
Hateganywa kandi ibyicaro by'abagize Sena n'abagize Guverinoma.	There shall also be seats reserved for Senators and Members of Cabinet.	Il est prévu aussi des sièges réservés aux Sénateurs et aux Membres du Gouvernement.
Icyakora, kubera impamvu z'ubumuga bw'Umudepite cyangwa indi mpamvu kandi byemejwe n'Inteko Rusange, ibikubiye mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishobora kutubahirizwa.	However, in case of disability or other motive approved by the Plenary Assembly, provisions of paragraph one of this Article may not apply.	Toutefois, en cas d'handicap ou autre cause d'un Député, et sur décision de l'Assemblée Plénière, les dispositions de l'alinéa premier du présent article peuvent ne pas être appliquées.
<u>Ingingo ya 14</u>: Inama y'Inteko Rusange n'isubikwa ryayo (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 9)	**<u>Article 14 :</u> Adjournment of the plenary sitting and its adjournment (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 9)**	**<u>Article 14 :</u> Séances de l'Assemblée Plénière et son ajournement (Article modifié par la loi Organique N°01/2011/OL du 25/02/2011dans son article 9)**
Umutwe w'Abadepite uteranira mu Murwa Mukuru w'Igihugu, mu Ngoro yabugenewe, keretse bibujijwe n'inzitizi ntarengwa zemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga rubisabwe na perezida w'Umutwe w'Abadepite. Igihe Urukiko rw'Ikirenga na rwo rudashobora guterana, Perezida wa Repubulika yemeza aho inama iteranira akoresheje Itegeko-Teka.	The Chamber of Deputies holds its sessions in the Capital City of the Republic, in its building except in cases of force majeure approved by the Supreme Court upon request by the Speaker. In case the Supreme Court is also unable to meet, the President of the Republic determines, by a decree-law, where the session convenes.	La Chambre des Députés siège dans la Capitale de la République, dans son palais, sauf en cas de force majeure constatée par la Cour Suprême saisie par le Président de la Chambre des Députés. Lorsque la Cour Suprême ne peut pas se réunir à son tour, le Président de la République décide du lieu de la réunion par décret-loi.
Inama z'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite zibera mu ruhame. Icyakora, Umutwe w'Abadepite ushobora kwemeza, ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abawugize bitabiriye inama, ko inama ibera mu muhezo, iyo bisabwe na Perezida wa Repubulika, Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa kimwe cya kane (1/4) cy'abawugize,	The Plenary Sittings of the Chamber of Deputies are public. However, the Chamber of Deputies may approve upon the absolute majority votes of the members present that the session be held in camera, if requested by the President of the Republic, the Speaker or a quarter (1/4) of its members or the Prime Minister.	Les Séances Plénières de la Chambre des Députés sont publiques. Toutefois, à la demande du Président de la République, du Président de la Chambre des Députés, d'un quart (¼) de ses membres ou du Premier Ministre, la Chambre des Députés peut, à la majorité absolue des voix de ses membres présents à la séance, décider de siéger à

cyangwa se na Minisitiri w'Intebe.		huis clos.
Icyo cyemezo kigomba kumanikwa ku miryango y'Ingoro y'Umutwe w'Abadepite.	The resolution must be posted on the doors of the building of the Chamber of Deputies.	Cette décision est dûment affichée aux portes du palais de la Chambre des Députés.
Igihe habaye impamvu igaragara ituma inama yari iteganijwe isubikwa, Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa umwe mu ba Visi Perezida b'Umutwe w'Abadepite iyo Perezida adahari, abimenyesha Abadepite akoresheje inyandiko cyangwa ubundi buryo bwose bw'itumanaho.	In case there is a sound reason for the adjournment of the current sitting, the Speaker or one of the Deputy Speakers of the Chamber of Deputies in the absence of the Speaker shall inform the Deputies in writing or through any other communication means."	Lorsqu'il y a un motif légitime entrainant l'ajournement d'une séance prévue, le Président de la Chambre des Députés ou l'un des Vice Présidents de la Chambre des Députés à l'absence du Président, en informe les Députés par écrit ou à travers toute autre voie de communication. »
<u>Ingingo ya 15</u>: Kumenyesha gahunda y'inama y'Inteko Rusange itaha (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 10)	**<u>Article 15 :</u> Announcement of the agenda of the next Plenary Sitting (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 10)**	**<u>Article 15 :</u> Communication de l'ordre du jour de la prochaine séance de l'Assemblée Plénière (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 10)**
Iyo Umutwe w'Abadepite umaze gusuzuma no gufata umwanzuro ku byari biteganyijwe ku murongo w'ibyigwa, uyoboye inama y'Inteko Rusange amenyesha umunsi, isaha n'ibiri ku murongo w'ibyigwa by'inama ikurikira**.**	After the Chamber of Deputies has finalised the examination and has taken a decision on the items on the agenda, the Chairperson of the plenary sitting announces the day, time and items on the agenda for the next sitting.	Lorsque la Chambre des Député a examiné et pris une décison sur les points prévus à l'ordre du jour, le Président de la séance communique le jour, l'heure ainsi que les points à l''ordre du jour de la séance prochaine.
<u>Ingingo ya 16</u>: Umubare wa ngombwa ngo Inteko Rusange iterane (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 11)	**<u>Article 16 :</u> Quorum for the Plenary Sitting (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 11)**	**<u>Article 16 :</u> Quorum exigé pour la tenue de l'Assemblée Pléniere (Article modifié par la loi Organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 11)**
Muri buri nama, buri Mudepite ashyira umukono ku rutonde rugaragaza abaje. Mbere y'uko inama	In each sitting, every Deputy shall sign on a list of attendance. Before the sitting begins, the Chairperson	A chaque séance, tout Député signent sur une liste des présences. Avant l'ouverture de la séance,

itangira, uyoboye inama y'Inteko Rusange atangaza umubare w'Abadepite bahari.	of the plenary sitting shall announce the number of the Deputies present.	le Président de la séance communique le nombre de Députés présents.
Kugira ngo Umutwe w'Abadepite uterane ku buryo bwemewe hagomba kuba hari nibura bitatu bya gatanu (3/5) by'abawugize. Iyo uwo mubare utabonetse, uyoboye inama y'Inteko Rusange agaragaza ko inama idashobora guterana akayisubika.	The quorum required for the sittings of the Chamber of Deputies is at least three fifths (3/5) of its members. When such a number is not obtained, the Chirperson of the plenary sitting shall declare that the sitting cannot be held and adjourn it.	Pour siéger valablement, la Chambre des Députés doit compter au moins trois cinquièmes (3/5) de ses membres. Lorsque ce nombre n'est pas atteint, le Président de séance constate l'impossibilité de tenir la séance et la reporte.»
<u>Ingingo ya 17:</u> Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo z'Inteko Rusange **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo 12)**	**<u>Article 17 :</u> Minutes and verbatim reports of the Plenary sitting** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 12)**	**<u>Article 17 :</u> Comptes-rendus et procès-verbaux des séances plénières** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 12)**
Inama z'Umutwe w'Abadepite zikorerwa inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo. Izo nyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo ntizisomerwa mu Nteko Rusange.	There shall be minutes and verbatim reports of the sittings of the Chamber of Deputies. The minutes and verbatim reports are not read in the Plenary Sittings.	Les séances de la Chambre des Députés font l'objet de comptes-rendus et de procès-verbaux. Ces comptes-rendus et procès-verbaux ne sont pas lus en Séance Plénière.
Inyandiko zivunaguye ziba zikubiyemo incamake y'uko ibiganiro byagenze zemezwa n'Inteko Rusange mbere y'uko zitangazwa.	The minutes consist in a summary of the debates and are approved by the Plenary Sitting before their publication.	Les comptes-rendus comprennent les idées maîtresses des débats. Ils sont approuvés par l'Assemblée Plénière avant leur publication.
Umudepite wese ushaka kugira icyo azikosoraho abihererwa ijambo.	Any Deputy who wishes to make any correction shall be authorised to do so.	La parole est accordée à chaque Député désireux d'y faire une correction.
Inyandiko ivunaguye y'igihembwe gisanzwe yemezwa mu minsi cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa bahereye ku munsi inama ireba iyo nyandiko yabereyeho. Iyo iminsi igeze Umutwe w'Abadepite utari mu gihembwe gisanzwe, iyo nyandiko	The minutes are approved within fifteen (15) working days counted from the day the concerned sitting was held. Where the expiration of such period falls outside the period prescribed for the ordinary session, such minutes shall be adopted in the first week of the next	Le compte-rendu de la session ordinaire est approuvé dans les quinze (15) jours ouvrables à compter du jour de la tenue de séance. Lorsque ledits jours expirent alors que la Chambre des Députés n'est plus en session ordinaire, ces

ivunaguye yemezwa mu cyumweru cya mbere cy'igihembwe gisanzwe gikurikira.	ordinary session.	comptes-rendus sont approuvés dans la première semaine de la session ordinaire suivante.
Inyandikomvugo ziba zikubiyemo uko ibiganiro byose byagenze n'ibitekerezo bya buri Mudepite, ziboneka mu minsi mirongo itatu (30) nyuma y'inama y'Inteko Rusange zireba, zigahabwa Abadepite. Inteko Rusange yemeza inyandikomvugo z'igihembwe gisanzwe mu cyumweru cya kabiri cy'igihembwe gisanzwe gikurikira icyo inama ireba iyo nyandikomvugo yabayemo.	Verbatim reports consist of the general picture of how the debates were conducted and shall quote every Deputy; they are available in thirty (30) days following the concerned Plenary Sitting, are given to Deputies. The Plenary Sitting shall approve verbatim reports taken during the ordinary session in the second week of the session following the one in which the concerned Plenary words sitting was held.	Les procès-verbaux contenant le déroulement de tous les débats et les interventions de chaque Député sont disponibles dans un délai de trente (30) jours à dater de la séance plénière concernée et sont distribués aux Députés. L'Assemblée Plénière adopte les procès-verbaux de la session ordinaire dans la deuxième semaine de la session ordinaire suivante.
Inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo z'igihembwe kidasanzwe zemezwa mu cyumweru cya nyuma cy'igihembwe gisanzwe gikurikira.	Minutes and verbatim reports taken during the extraordinary session shall be adopted in the last week of the next ordinary session.	Les comptes-rendus et les procès-verbaux de la session extraordinaire sont adoptés dans la dernière semaine de la session ordinaire suivante.
Umudepite wifuza kugira icyo ahindura ku nyandikomvugo ashyikiriza mu nyandiko Perezida w'Umutwe w'Abadepite ibyo ayihinduraho.	A Deputy who wishes to make correction on the verbatim report forwards in writing his/her proposed changes to the Speaker of the Chamber of Deputies.	Le Député qui souhaite apporter la modification au procès-verbal présente ctte modification par écrit au Président de la Chambre des Députés.
Iyo inama z'Inteko Rusange z'Umutwe w'Abadepite zabereye mu muhezo, inyandiko zivunaguye n'inyandikomvugo zazo zikorwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite ari nawe ubika izo nyandiko cyangwa umusimbura we igihe adahari. Inteko Rusange ifata umwanzuro ku itangazwa ryazo kandi ikagena igihe zitangira gukoreshwa.	Where the Plenary Sittings of the Chamber of Deputies are conducted in camera, their minutes and verbatim reports are taken by the Clerk of the Chamber of Deputies or, in his/her absence, by his/her substitute who keeps them. The Plenary Assembly shall decide on their publication and shall determine the starting time of their consultation.	Lorsque les séances de l'Assemblée Plénière de la Chambre des Députés sont tenues à huis clos, leurs comptes-rendus et procès-verbaux sont rédigés et conservés par le Secrétaire Général de la Chambre des Députés ou, en son d'absence, par son remplacant. L'Asssemblée plénière décide de leur publication et détermine le début de leur explitation.»

<u>Ingingo ya 18</u>: Gushyira umukono ku nyandiko zivunaguye no ku nyandikomvugo **(Ingingo yahinduwe n'itegeko N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 13)** Ingingo ya 18 y'Itegeko ngenga n° 06/2006 ryo kuwa 15/02/2006 rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira: Inyandikomvugo n'inyandiko zivunaguye zemejwe n'Inteko Rusange zishyirwaho umukono n'uwayoboye inama, Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite n'uwazanditse. Zitangazwa ku murongo wa interineti w'Umutwe w'Abadepite kandi zigashyirwa mu nzu y'ibitabo y'Umutwe w'Abadepite.	**<u>Article 18 :</u> Signing of minutes and verbatim reports** **(Article modified by the Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 13)** Article 18 of Organic Law no 06/2006 of 15/02/2006 establishing Internal Rules of the Chamber of Deputies in the Parliament as modified and complemented to date is modified and complemented as follows: Verbatim reports and minutes approved by the Plenary Sitting shall be signed by the Chairperson of the sitting, the Clerk of the Chamber of Deputies and the rapporteur. They are published on the web site of the Chamber of Deputies and shall be available in the library of the Chamber of Deputies.	**<u>Article 18 :</u> Signature des comptes-rendus et des procès-verbaux** **(Article modifié par la loi N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 13)** L'article 18 de la Loi organique n° 06/2006 du 15/02/2006 portant Règlement d'Ordre Intérieur de la Chambre des Députés du Parlement telle que modifiée et complétée à ce jour est modifiée et complétée comme suit : Les procès-verbaux et les comptes-rendus adoptés par l'Assemblée Plénière sont signés par le Président de la séance, par le Secrétaire Général ainsi que par le rapporteur. Ils sont publiés au Site Web de la Chambre des Députés et mis à la bibliothèque de la Chambre des Députés.
<u>Ingingo ya 19</u>: Gufata ijambo mu Nteko Rusange **(Ingingo yahinduwe n'itegeko N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011mu ngingo yaryo ya 14)** Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 23 y'iri tegeko ngenga**,** Umudepite wese ushaka ijambo mu Nteko Rusange yiyandikisha ku ilisiti yabigenewe. Kwiyandikisha ku ilisiti ya mbere bikorwa mu nyandiko kandi birangira saa ine z'amanywa y'umunsi inama y'Inteko Rusange iri buteranireho.	**<u>Article 19 :</u> Taking the floor in the plenary sitting** **(Article modified by the Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 14)** Without prejudice to provisions of Article 23 of this Organic Law, any Deputy who wishes to take the floor in the Plenary Sitting shall register on the list meant for that purpose. Registration on the first list is made in writing and ends at 10 a.m on the day of the Plenary Sitting. The first list is distributed to all Deputies before the Plenary Sitting	**<u>Article 19 :</u> Prise de parole dans la séance plénière** **(Article modifié par la loi N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 14)** Sans préjudice des dispositions de l'article 23 de cette loi organique, tout Député qui souhaite prendre la parole en séance plénière se fait inscrire sur la liste prévue à cet effet. Les inscriptions sur la première liste se font par écrit et prennent fin à dix heures (10h00) du matin du jour prévu pour la séance de l'Assemblée

Ilisiti ya mbere ihabwa Abadepite bose mbere y'uko inama y'Inteko Rusange itangira. Igaragaza uko Abadepite bakurikirana mu gufata amagambo, igihe ijambo rimara n'ingingo buri Mudepite ari buvugeho. Igihe ntarengwa gihabwa uvuga wese wiyandikishije ku ilisiti ya mbere ni iminota icumi (10).	begins. It shows the order of speakers in taking the floor, the duration of each member's word and the subject matter of every member's contribution. The time limit given to any speaker registered on the first list is ten (10) minutes.	Plénière. La première liste est distribuée à tous les Députés avant l'ouverture de la Séance Plénière. Elle précise l'ordre des Députés dans la prise de la parole, la durée de chaque intervention, et le sujet sur le quel portera chaque intervention. La durée limite accordée à chaque orateur inscrit sur la première liste est de dix (10) minutes.
Kwiyandikisha ku ilisiti ya kabiri (2) hifashishwa uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu gusaba ijambo cyangwa mu gutora kandi, ari na yo ya nyuma, bikorwa abahagarariye umushinga cyangwa ikibazo gisuzumwa bamaze gusubiza abavuze bo ku ilisiti ya mbere.Umubare n'amazina yabo ku ilisiti ya kabiri bitangarizwa Inteko Rusange mbere yo gutanga ijambo kandi buri Mudepite agahabwa igihe ntarengwa cy'iminota ine (4).	Registration on the second list through electronic way used to request the floor or to vote and, which is also the final list, shall be made after the representatives of bills or any other issue under examination have responded to members on the first list. Their number and names on the second list are communicated to the Plenary Session before the floor is given and each Deputy is given the floor for a maximum of four (4) minutes.	L'inscription sur la deuxième liste par voie électronoque utisisée lors de la démande de la parole ou lors du vote, qui est aussi la dernière, se fait après les réponses données aux intervenants de la première liste par les auteurs sur le projet ou sur le sujet en discussion. Le nombre et les noms des Députés de la deuxième liste sont communiqués à l'Assemblée Plénière avant que la parole ne soit accordée et chaque Députés qui se voit accorder un temps de parole quatre (4) minutes maximum chacun.
Mu gihe cyo kwiyandikisha ku ilisiti ya kabiri, iyo uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu gusaba ijambo cyangwa mu gutora budakora neza, Umudepite asaba ijambo ashyira ukuboko hejuru mbere yuko uyoboye inama atangira gutanga ijambo.	During registration on the second list, where electronic way used to request the floor or to vote does not work properly, any Deputy faced with the problem of a faulty electronic system shall request the floor by show of hand before the Chairperson of the sitting starts giving the floor.	Lors de l'inscription sur la deuxième liste, lorsque la voie électronique utilisée lors de la démande de la parole ou lors du vote,un Député assis devant un système électronique défectueux demande la parole en levant la main avant que celui qui préside la séance ne commence à accorder la parole.
Nta Mudepite ushobora gufata ijambo atarihawe n'uyobora inama y'Inteko Rusange hakurikijwe umubare w'abari kuri lisiti yatangajwe.	No Deputy shall take the floor without the authorisation of the Chairperson of the plenary sitting in accordance with the number of members on the list announced.	Aucun Député ne peut prendre la parole sans l'autorisation du Président de la Séance Plénière suivant le nombre de personnes figurant sur la liste communiquée.
Icyakora ba Minisitiri, Abanyamabanga ba Leta,	However, Ministers, Ministers of State, other members	Mais, les Ministres, les Secrétaires d'Etat, les

abandi bagize Guverinoma, Perezida na Visi-Perezida ba Komisiyo yize ikibazo, Abadepite barebwa ku giti cyabo n'ikibazo cyigwa kimwe n'abavugizi b'imishinga y'amategeko yateguwe na Guverinoma cyangwa yateguwe n'Abadepite n'abagejeje raporo y'Inzego ziteganywa n'Itegeko Nshinga ku Nteko Rusange, bahabwa ijambo igihe cyose barisabye.	of Government, the Chairperson and Vice-Chairpersons of the Parliamentary Committees that considered the issue, Deputies that are personally concerned with the issue as well as representatives of government or private member bills and those that forwarded the reports of the organs provided by the Constitution to the Plenary Session, shall be recognized any time they request for the floor.	autres membres du Gouvernement, les Présidents et les Vice-Présidents des Commissions ayant traité le sujet, les Députés personnellement concernés par la question en discussion, les représentants des projets de loi préparés par le Gouvernement ou des propositions de lois initiées par les Députés ainsi que les personnalités des Institutions prévues par la Constitution qui ont présenté le rapport à l'Assemblée Plénière ont la parole chaque fois qu'ils le demandent.
Nyuma ya buri lisiti, uyoboye inama y'Inteko Rusange yerekana ibitekerezo by'ingenzi byagaragajwe n'impaka.	After each list, the Chairperson of the Plenary Sitting summarizes the main ideas of the debates.	Après chaque liste, le Président de la séance de l'Assemblée Plénière fait la synthèse des idées maitresses qui ont caracterisé les débats.
Ingingo ya 20 :Guhabwa ijambo mu Nteko Rusange **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 15)**	**Article 20: Being given the floor in the Plenary sitting** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 15)**	**Article 20 : Prise de parole à la pleniere** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 15)**
Uhawe ijambo ari ku ilisiti ya mbere arivugira ku mwanya wabugenewe. Na ho uwo ku ilisiti ya kabiri kimwe n'uwasabye mosiyo cyangwa uwifashe akaka ijambo, bavugira mu myanya yabo iyo bishoboka.	Members on the first list shall use the platform provided for that purpose. But member on the second list or member rising on a point of order or those who abstained and requested for the floor shall as far as possible remain in their seats.	L'orateur de la première liste prend la parole à la tribune prévue à cet effet. Tandis que celui de la deuxième liste ainsi que celui qui demande une motion ou celui qui s'abstient et qui demande la parole prend la parole à sa place autant que possible.
Ufashe ijambo wese nta wundi ashobora kubwira, uretse uyoboye inama y'Inteko Rusange.	Any person having the floor shall only address the chairperson of the Plenary Sitting.	Tout orateur ne peut s'adresser qu'au Président de la séance de l'Assemblée Plénière ».

Ingingo ya 21: Birabujijwe gusarikana, gushyogozanya, gusahinda cyangwa kurogoyana.	**Article 21:** No member shall utter injurious and offending remarks, or disrupt order.	**Article 21 :** Tout propos blessant, toute intervention troublant l'ordre et tout acte visant à empêcher un orateur de s'exprimer sont interdits.
Ingingo ya 22: Nta wushobora guca undi mu ijambo, keretse Perezida w'inama na bwo yibutsa itegeko.	**Article 22 :** Except by the Chairperson of the Plenary Sitting, no member shall be interrupted when he or she has the floor and even then only for the purpose of reminding him or her of the law.	**Article 22** : Nul ne peut être interrompu lorsqu'il parle, si ce n'est que par le Président de la séance pour un rappel de la loi.
Iyo uvuga atandukiriye cyangwa asubiye mu byavuzwe, Perezida w'inama agomba kumuhagarika kandi ni we wenyine ufite ububasha bwo kumugarura ku bibazo byigwa.	If a member is disgressing from the matter under consideration, he/she is engaging in repetition, the chairperson of the plenary sitting shall interrupt him/her, and he or she is the only person with the authority to call a member to order.	Si un orateur s'écarte du sujet des débats ou s'il répète ce qui a été déjà dit, le Président de la séance doit l'interrompre et il est le seul habilité à le ramener à la question en discussion.
Iyo uvuga amaze kwibutswa kabiri (2) akagumya gutandukira cyangwa gusubira mu byavuzwe, Perezida w'inama amwaka ijambo mu gihe cyose Inteko Rusange ikiga icyo kibazo.	If a member is called to order twice but persists in his /her digression or repetition, the Chairperson of the Plenary Sitting shall order the member to be silent for the rest of the time that the Plenary Sitting devoted to that issue	Si après un deuxième rappel, le même orateur continue à s'écarter de la question en discussion ou s'il continue à répéter ce qui a été déjà dit, le Président de la séance lui retire la parole pendant la durée que la Séance Plénière consacre au débat sur la question.

<u>Ingingo ya 23</u>: Kwaka mosiyo **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 16)** Umudepite ubisabye, ahabwa mosiyo itarengeje iminota ibiri (2) inshuro imwe ku ngingo kugira ngo : 1° yibutse amategeko; 2° asubize icyo bamuvuzeho; 3° yibutse ko ikibazo yabajije kitashubijwe; 4° asabe ko impaka zihagarara; 5° asabe ko Inteko Rusange ihagarika imirimo gato; 6° asabe ko imirimo y'Inteko Rusange isubikwa. Ubusabe buvugwa mu duce twa 4°, 5° na 6° tw'iyi ngingo, bwemezwa n'Inteko Rusange hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 72 y'iri tegeko ngenga. Mosiyo ntisabwa mu gihe : 1° Umudepite wahawe ijambo akirifite; 2° gucisha mu majwi byatangiye; 3°abasabye ndifashe bataravuga impamvu bifashe.	**<u>Article 23</u>: Moving a motion** **(Article modified by the Organic Law n°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 16)** Upon request a member shall move once a motion not exceeding two (2) minutes regarding a matter under consideration to: 1° remind the law; 2° respond to what has been said on him or her; 3° remind that his or her question was not responded ; 4° request for the debates to be closed; 5° request for a brief suspension of the Plenary Sitting; 6° request for the adjournment of the Plenary Sitting. The requests referred to under items 4°, 5°and 6° of this Article are approved by the Plenary Assembly in accordance with Article 72 of this organic law. No motion shall be requested where: 1 º a Deputy who has been given the floor is speaking ; 2 º the voting has started; 3 º abstainees are yet to state the reason for abstaining.	**<u>Article 23</u>: Demande de motion** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 16)** Sur sa demande, un Député obtient une motion n'excédant pas deux (2) minutes une seule fois sur une question en discussion pour : 1° un rappel à la loi ; 2° répondre à un fait personnel ; 3° rappeler que sa question n'a pas été répondue ; 4° demander la clôture des débats ; 5° demander une brève suspension de l'Assemblée Plénière ; 6° demander l'ajournement de l'Assemblée Plénière. Les demandes prévues aux points 4°, 5° et 6° du présent article sont approuvées par l'Assemblée plénière suivant les dispositions de l'article 72 de la présente loi organique. Aucune motion n'est demandée lorsque : 1° un Député est en train de parler ; 2° l'opération de vote a commencé ; 3° ceux qui se sont abstenus n'ont pas encore exprimé la raison de leur abstention.

Ingingo ya 24:	**Article 24** :	**Article 24** :
Ufite icyo akosora kidateganyijwe mu ngingo ya 23 y'iri tegeko ngenga kandi atagishoboye kwiyandikisha ku ilisiti y'abagomba gufata ijambo, yandikira Perezida w'inama y'Inteko Rusange, uhagarariye Komisiyo yize ikibazo cyangwa umwe mu Badepite bari ku ilisiti batarafata ijambo, amusaba kugikosora.	Any Deputy who wishes to make correction on an issue not covered by article 23 of this organic law and who is unable to register on the list of those requesting for the floor writes to the Chairperson of the Plenary Sitting the representative of the parliamentary Committee that examined the matter or one of the Deputies on the list but who has not yet taken floor requesting him or her to make such correction.	Tout Député se trouvant dans l'impossibilité de se faire inscrire sur la liste des orateurs alors qu'il veut corriger un fait non prévu à l'article 23 de la présente loi organique, demande par écrit, au Président de la séance de l'Assemblée Plénière, au représentant de la Commission ayant traité le sujet ou à l'un des Députés inscrits sur la liste des orateurs qui n'a pas encore pris la parole, de corriger ce fait.
Perezida w'inama y'Inteko Rusange cyangwa uhagarariye Komisiyo bahita bageza ku Nteko Rusange icyifuzo cy'uwo Mudepite bakibona urwandiko rwe.	The Chairperson of the Plenary Sitting or the representative of the Parliamentary Committee immediately bring to the attention of the Plenary Sitting the request of such a Deputy as soon as they receive his or her written note.	Le Président de la séance de l'Assemblée Plénière ou le représentant de la Commission sont tenus d'en informer l'Assemblée plénière dès réception d'une telle demande.
Ingingo ya 25: Guhindura gahunda y'Inteko Rusange	**Article 25** : **Change of in plenary sitting items on in agenda**	**Article 25** : **Changement de l'ordre du jour de la Seance plénière**
Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 17)	**(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 17)**	**(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 17)**
Umudepite wese ashobora gusaba guhindura ibiri ku murongo w'ibyigwa. Ibyifuzo bisabwa mu ibaruwa yoherezwa bitarenze saa yine za mu gitondo (10h00) ku munsi wateganyirijwe inama, yandikirwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite na we akabimenyesha Abadepite abinyujije mu nyandiko. Icyemezo gifatwa	Any Deputy may request for a change of the items on the agenda. The request is addressed through a letter submitted to the Speaker not later than ten o'clock (10:00 a.m) on the day the session is to be held, who in turn informs the Deputies in written form. The decision is taken by an absolute majority vote of the Deputies	Tout Député peut demander la modification de l'ordre du jour. Les demandes de modification sont adressées par écrit au plus tard à dix (10) heures du matin le jour de la séance prévue, au Président de la Chambre des Députés qui, à son tour, les communique par écrit aux Députés. La décision est

ku bwiganze burunduye bw'Abadepite bahari. Mu gihe byakiriwe, Inteko Rusange ihita isuzuma ikibazo yemeje ko kihutirwa. Iyo Inteko Rusange isanze ikibazo igejejweho gifite ishingiro ariko kitihutirwa, hagenwa igihe kizigirwa.	present. If such requests are accepted, the Plenary Sitting immediately considers items it has deemed to be urgent. If the Plenary Sitting deems that the request is justified without the item being urgent, it determines the day for consideration of the item.	prise à la majorité absolue des Députés présents. Lorsque ces demandes sont acceptées, l'Assemblée Plénière examine immédiatement le problème considéré comme urgent. Lorsque l'Assemblée Plénière constate que les demandes soumises sont fondées mais qu'elles ne sont pas urgentes elle fixe le moment de leur examen.
<u>Ingingo ya 26</u>: Ihagarika ry'impaka **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 18)** Uyoboye inama y'Inteko Rusange yerekana aho impaka zigeze akanazihagarika iyo abasabye ijambo bose barangije kuvuga. Ihagarika ry'impaka rishobora kandi gusabwa n'uyoboye inama y'Inteko Rusange iyo abona ko Inteko yize ibibazo ku buryo buhagije, cyangwa rigasabwa n'Umudepite ku mpamvu nk'iyo rikemezwa n'Inteko Rusange hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 72 y'iri tegeko ngenga."	**<u>Article 26</u> : Suspension of debate** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 18)** The Chairperson of the Plenary Sitting summarises and closes the debates after all those who requested for the floor have spoken. The closure of debates may also be requested by the Chairperson of the Plenary sitting when he/she believes that the sitting has exhausted all the issues or it may be requested by a Deputy for the same reason and approved by the Plenary Assembly in accordance with the provisions of Article 72 of this organic law."	**<u>Article 26</u> : Suspension des débâts** **(Article modifié par la loi organic N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 18)** Le Président de la Séance de l'Assemblée Plénière fait le point des débats et les clôt lorsque l'Assemblée a entendu tous les orateurs qui ont demandé la parole. La clôture des débats peut également être demandée soit par le Président de la séance de l'Assemblée Plénière lorsqu'il estime que l'Assemblée a suffisamment débattu de la question soit par un Député pour le même motif. Cette demande est approuvée par l'Assemblée Plénière conformément aux dispositions de l'article 72 de la présente loi organique. »

Icyiciro cya 2: Ibyerekeye Biro y'Umutwe w'Abadepite **<u>Ingingo ya 27</u>: Inshingano za biro** **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 19)** Imirimo ya Biro y'Umutwe w'Abadepite ni iyi ikurikira: 1°Kwemeza gahunda y'icyumweru y'Inteko Rusange*;* 2° kuyobora imirimo y'Umutwe w'Abadepite; 3° kubahiriza no gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange; 4°gukurikirana ubufatanye bw'Umutwe w'Abadepite n'izindi nzego; 5° gukemura ibibazo byihutirwa bigaragaye kandi byabangamira imikorere y'Umutwe w'Abadepite ariko bidateganyijwe n'iri tegeko ngenga; 6° gutegurira Inama y'Abaperezida imbanzirizamushinga ya gahunda y'ibizigwa mu gihembwe gisanzwe n'ikidasanzwe; 7° gukurikiranira hafi itegurwa ry'imbonerahamwe y'inzego z'imirimo y'Umutwe w'Abadepite no	**Section 2 : The Bureau of the Chamber of Deputies** **<u>Article 27</u> : Functions of the Bureau** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 19)** The functions of the Bureau of the Chamber of Deputies are as follows : 1° to adopt the weekly agenda of the Plenary Assembly; 2° to manage the activities of the Chamber of Deputies; 3° to respect and implement the decisions of the Plenary Sitting; 4° to make follow-up on cooperation between the Chamber of Deputies and other institutions; 5° to solve any urgent problems which are not provided for in this organic law that could hinder the effective functioning of the Chamber of Deputies; 6° to propose the draft agenda of the items to be debated in the ordinary and extraordinary sessions of the Conference of the Chairpersons; 7° to follow up the draft of organic structure of the administrative organs of the Chamber of Deputies	**Section 2 : Du Bureau de la Chambre des Députés** **<u>Article 27</u> : Attributions du Bureau** **(Article modifié par la loi organique (N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 19)** Les attributions du Bureau de la Chambre des Députés sont les suivantes: 1° adopter l'agenda hebdomadaire de l'Assemblée Plénière ; 2° diriger les activités de la Chambre des Députés ; 3° observer et mettre en exécution les décisions de l'Assemblée Plénière; 4° assurer le suivi des relations de la Chambre des Députés avec les autres institutions. 5° résoudre tout problème urgent qui se présente et qui peut nuire au bon fonctionnement de la Chambre des Députés mais qui n'est pas prévu par la présente loi organique ; 6° proposer le projet d'agenda de la session ordinaire et extraordinaire à la Conférence des Présidents ; 7° assurer le suivi de la préparation du cadre organique de la Chambre des Députés et le

kuyishyikiriza Inama y'Abaperezida kugira ngo iyitangeho ibitekerezo;	and forwards it to the Conference of the Chairpersons for comments;	soumettre à la Conférence des Présidents pour avis et considérations ;
8° gukurikiranira hafi uburyo bwo gushaka abakozi b'Umutwe w'Abadepite babishoboye no kubashyira mu myanya;	8° to follow up the recruitment of competent personnel and its deployment in Chamber of Deputies;	8° faire le suivi du recrutement du personnel compétent pour la Chambre des Députés et de son affectation ;
9°gukurikirana ibijyanye n'umutekano mu Ngoro y'Umutwe w'Abadepite ;	9° to oversee security related matters in the building of the Chamber of Deputies;	9°assurer le suivi de la sécurité au sein du Palais de la Chambre des Députés ;
10° gukurikirana imikorere y'amahuriro akorera mu Mutwe w'Abadepite;	10° to supervise the performance of Networks and forums based in the Chamber of Deputies;	10°assurer la supervision des activités des reseaux et forums oeuvrant au sein de la Chambre des Députés ;
11° gukora indi mirimo yose y'Umutwe w'Abadepite ariko idashinzwe urundi rwego rw'imirimo.	11° to perform any other functions of the Chamber of Deputies but which are not under the responsibility of any other organ.	11° exercer les autres attributions intéressant la Chambre des Députés mais ne relevant d'aucun autre organe.
Inama za Biro zikorerwa raporo ishyirwaho umukono na Perezida w'Umutwe w'Abadepite n'Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite, ari na we mwanditsi wayo.	Meetings of the Bureau shall require reports thereon which are signed by by the Speaker of the Chamber of Deputies and the Clerk of the Chamber of Deputies who also serves as the rapporteur of the Bureau.	Les réunions du Bureau font objet des raports signés par le Président de la Chambre des Députés et le Secrétaire Général de la Chambre des Députés qui en est le rapporteur.
Ibyemezo bya Biro y'Umutwe w'Abadepite bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize. Iyo ubwumvikane busesuye butabonetse ikibazo gishyikirizwa Inama y'Abaperezida ikagifataho umwanzuro. Iyo Inama y'Abaperezida idashoboye kucyumvikanaho, ikibazo gishyikirizwa Inteko Rusange ikagifataho umwanzuro bwa nyuma."	Decisions of the Bureau of the Chamber of Deputies are taken by consensus. If consensus is not obtained, the matter under consideration is referred to the Conference of Chairpersons which takes a decision. If the Conference of Chairpersons does not compromise on the matter, it is referred to the Plenary Session to take a final decision."	Les décisions du Bureau de la Chambre des Députés sont prises par consensus de ces membres. Si le consensus n'est pas obtenu, maintenir la « question » en discussion est soumis à la Conférence des Présidents pour décision. En cas d'absence de compromis la question est soumise à l'Assemblée Plénière pour décision finale. »

<u>Ingingo ya 28</u>: Inshingano za Perezida w'Umutwe w'Abadepite **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 20)** Inshingano za Perezida w'Umutwe w'Abadepite ni izi zikurikira : 1°gukurikirana no guhuza imirimo y'inzego z'Umutwe w'Abadepite; 2° gutumiza, kuyobora inama ya Biro no guhuriza hamwe imirimo yayo; 3° gutumiza no kuyobora Inama y'Abaperezida; 4° gutumiza no kuyobora inama z'Inteko Rusange; 5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama ya Biro, imyanzuro y'Inama y'Abaperezida n'ibyemezo by'Inteko Rusange; 6° guhagararira Umutwe w'Abadepite imbere y'amategeko; 7° gutsura umubano w'Umutwe w'Abadepite n'izindi Nteko Zishinga Amategeko; 8° kuyobora imirimo y'inama igihe Imitwe yombi y'Inteko yateraniye hamwe;	**<u>Article 28</u> : Duties of the Speaker of the Chamber of Deputies** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 20)** The duties of the Speaker are as follows: 1° follow up and coordinate activities of the organs of the Chamber of Deputies; 2° to convene, preside over the meetings of the Bureau and to coordinate its activities; 3° to convene and preside over the Conference of the Chairpersons; 4° to convene and preside over the Plenary Sittings; 5° to oversee the implementation of the decisions of the Bureau, recommendations of the Conference of Chairpersons and resolutions of the Plenary Sitting ; 6° to legally represent the Chamber of Deputies; 7° to develop relations between the Chamber of Deputies and other legislatures; 8° to preside over the activities of the session when both Chambers hold a joint session;	**<u>Article 28</u> : Attributions du Président de la Chambre des Députés** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 20)** Les attributions du Président de la Chambre des Députés sont les suivantes : 1° assurer le suivi et la coordination des activités des organes de la Chambre des Députés ; 2° convoquer, présider les réunions du Bureau et coordonner les activités du Bureau; 3° convoquer et présider la Conférence des Présidents ; 4° convoquer et présider les séances de l'Assemblée Plénière; 5° assurer le suivi de l'exécution des décisions du Bureau, des recommandations de la Conférence des Présidents et des résolutions de l'Assemblée Plénière ; 6° représenter officiellement la Chambre des Députés; 7° entretenir les relations de la Chambre des Députés avec les autres Parlements ; 8° diriger les débats lorsque les deux Chambres du Parlement sont réunies

9° gukurikiranira hafi ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri n'imigereka yabyo no kubigeza ku Badepite;	9° to follow up the Cabinet meeting decisions and their annexes and to forward them to Deputies,	9° s'informer des décisions du Conseil des Ministres et de ses annexes et les communiquer aux Députés ;
10° kumenyesha Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe gahunda y'imirimo y'Umutwe w'Abadepite;	10° to inform the President of the Republic and the Prime Minister the agenda of the Chamber of Deputies;	10° informer le Président de la République et le Premier Ministre du programme d'activités de la Chambre des Députés ;
11° kugeza ku Nteko Rusange raporo y''Inama y'Abaperezida;	11° to submit to the Plenary Assembly the report of the Conference of Chairpersons;	11° soumettre à l'Assemblée Plénière le rapport de la Conférence des Présidents ;
12° kugeza ku Nteko Rusange imyanzuro yihutirwa y'Inama y'Abaperezida mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) kugira ngo iyemeze.	12° to submit to the Plenary Assemby urgent decisions made by the Conference of Chairpersons whithin seven (7) days for approval;	12° soumettre à l'Assemblée Plénière les recommandations urgentes de la Conférence des Présidents dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours pour approbation ;
13° gukora indi mirimo yose y'Umutwe w'Abadepite asabwa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.	13° to perform sany other activities of the Chamber of Deputies as required by the Constitution and other laws.	13° assurer toute autre tâche de la Chambre des Députés lui assignée par la Constitution et d'autres lois.
<u>Ingingo ya 29</u> : Inshingano za Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 21)	**<u>Article 29</u> : Duties of Deputy Speaker in charge of Legal Affairs and Control of Government Actions (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 21)**	**<u>Article 29</u> : Attributions du Vice-Président chargé d'assurer le suivi des activités législatives et du contrôle de l'action gouvernementale (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 21)**
Inshingano za Visi-Perezida ushinzwe iby'amategeko no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni izi zikurikira:	The duties of the Deputy Speaker in charge of Legal Affairs and Control of Government Actions are as follows :	Les attributions du Vice-Président chargé d'assurer le suivi des activités législatives et du contrôle de l'action gouvernementale sont les suivantes :
1°gusimbura Perezida w'Umutwe w'Abadepite igihe adahari;	1° to replace the Speaker in case of his/ her absence;	1° remplacer le Président de la Chambre des Députés en cas d'absence;

2°kwitabira imirimo y'Inama za Biro, iz'Inama y'Abaperezida n'iz'Inteko Rusange;	2° to attend the meetings of the Bureau and the Conference of the Chairpersons and make a follow up of the Plenary sittings activities;	2° participer aux réunions du Bureau, de la Conférence des Présidents et assurer le suivi des activités de l'Assemblée Plénière ;
3°gukurikiranira hafi imirimo ijyanye no kwiga amategeko; 4°gukurikiranira hafi imirimo ijyanye no kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma;	3° to oversee the activities relating to consideration of laws; 4° to oversee the activities relating to control of government action;	3° faire le suivi des activités législatives, 4° faire le suivi des activités relatives à l'information et au contrôle de l'action gouvernementale ;
5° gukurikiranira hafi imirimo y'Abadepite ijyanye no gusura abaturage;	5° to follow up the activities relating to visits of Deputies to the population;	5° coordonner les différents programmes des Députés relatifs aux descentes sur terrain ;
6°gukurikiranira hafi imirimo ijyanye n'umubano w'Umutwe w'Abadepite n'izindi Nteko Zishinga Amategeko;	6° to follow up relationships between the Chamber of Deputies and other legislatures;	6°faire le suivi des activités relatives aux relations entre la Chambre des Députés et les autres Parlements ;
7°gukora indi mirimo y'Umutwe w'Abadepite asabwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa indi mirimo yahabwa n'Inteko Rusange.	7° to perform any other activities of the Chamber of Deputies as may be requested by the Speaker or the Plenary Assembly."	7° exécuter toute autre tâche de la Chambre des Députés lui confiée par le Président de la Chambre des Députés ou par l'Assemblée Plénière.»
<u>Ingingo ya 30</u>: Inshingano za Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 22)**	**<u>Article 30 :</u> Duties of Deputy Speaker in charge of Finance and Administration** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 22)**	**<u>Article 30 :</u> Atributions du Vice-Président chargé du suivi des activités financières et adminstratives** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 22)**
Inshingano za Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'iby'imari n'abakozi ni izi zikurikira :	The duties of the Deputy Speaker in charge of Finance and Administration are as follows:	Les attributions du Vice-Président chargé d'assurer le suivi des activités financières et administratives sont les suivantes :

1°gusimbura Perezida w'Umutwe w'Abadepite igihe we na Visi-Perezida ushinzwe iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma badahari;	1° to replace the Speaker in case the Speaker and the Deputy Speaker in charge of Legal Affairs, information and oversight of the activities of the government are absent;	1° remplacer le Président de la Chambre des Députés en cas d'absence ou son empêchement concomitamment avec le Vice-Président chargé d'assurer le suivi des activités législatives,de l'information et du contrôle de l'action gouvernementale;
2° kwitabira imirimo y'Inama za Biro, iz'Inama y'Abaperezida n'iz'Inteko Rusange;	2° to attend the meetings of the Bureau and the Conference of the Chairpersons and Plenary Assembly;	2° participer aux travaux des réunions du Bureau, de la Conférence des Présidents et des séances de l'Assemblée Plénière ;
3°gukurikiranira hafi gahunda z'imirimo y'Umunyamabanga Mukuru n'iy'abandi bakozi b'Umutwe w'Abadepite n'imicungire yabo;	3° to oversee the activities of the Clerk of the Chamber of Deputies and follow up the performance and management of the staff of the Chamber of Deputies;	3° faire le suivi des activités du Secrétaire Général et des autres agents de la Chambre des Députés et de leur gestion;
4°gukurikiranira hafi imirimo ijyanye n'itegurwa ry'ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite n'ishyirwa mu bikorwa ndetse n'imicungire yayo;	4° follow up activities related to the preparation, implementation and management of the budget of the Chamber of Deputies;	4° faire le suivi des activités relatives à la préparation du budget de la Chambre des Députés, de son exécution et de sa gestion;
5°gutegura urutonde rw'Abadepite bifuza guhabwa ijambo ku ilisiti ya mbere mu Nteko Rusange;	5° to prepare a list of Deputies who wish to have the floor on the first list in the Plenary Assembly;	5° préparer la liste des Députés qui souhaitent prendre la parole sur la première liste à l'Assemblée Plénière ;
6°gukora indi mirimo y'Umutwe w'Abadepite asabwa na Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa indi mirimo yahabwa n'Inteko Rusange.	6° to carry out any other activities of the Chamber of Deputies as may be required by the Speaker or by the Plenary Assembly.	6° assurer toute autre tâche lui confiée par le Président de la Chambre des Députés ou par l'Assemblée Plénière.

<u>Ingingo ya 31</u>: Kuyobora inama y'Inteko Rusange (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 23)	**<u>Article 31</u> : Presiding over plenary sittings (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 23)**	**<u>Article 31 :</u> Présidence de la séance de l'Assemblée Plénière (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 23)**
Mu gihe cy'impaka nta na rimwe Perezida w'inama y'inteko rusange agaragaza uruhande abogamiyemo.	The Chairperson of the Plenary Sitting shall not at any time take sides in debates.	Le Président de la séance ne peut, en aucun cas, prendre partie lors des débats.
Mu nama ayobora, umurimo wa Perezida w'inama y'inteko rusange w'ingenzi ni uguhuza imitangire y'ibitekerezo, kwerekana aho impaka zigeze ku ngingo yigwa no kugarura abatandukira.	During debates, his/her main duty is to coordinate member's contribution, to sum up debates and to call members to order when they disgress from the issue under discussion.	Au cours du débat qu'il dirige, le Président de la Séance a pour rôle principal de coordonner les interventions, de récapituler les débats et de ramener à l'ordre les orateurs qui s'écarteraient de l'objet des débats.
Agomba kwamagana uburyo bwahatira Inteko kwemera cyangwa guhakana igitekerezo iki n'iki n'uburyo ubwo ari bwo bwose bugamije kubuza Inteko gufata ibyemezo.	He/she shall resist any form of pressure aimed at forcing the Plenary Assembly to make any particular decision or any attempt to prevent the Plenary Sitting from making decisions.	Il doit fustiger toute forme de pression visant à obliger l'Assemblée plénière de prendre ou de réfuter telle ou telle décision et toute manœuvre visant à empêcher l'Assemblée de prendre des décisions.
Ba Visi-Perezida bafasha uyoboye inama y'Inteko rusange bamwibutsa ikintu cyose cyamwisoba.	The Deputy Speakers assists the Chairperson of the plenary sitting by drawing his/her attention to any thing which might escape his/her attention."	Les Vice-Président assistent le Président de la séance plénière en attirant son attention sur tout fait susceptible d'échapper à sa vigilance. »
<u>Ingingo ya 32</u>:Uko bigenda iyo Inteko Rusange isuzuma ikibazo cyerekeye umwe mu bagize Biro ku giti cye (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 24)	**<u>Article 32</u> : Proceedings when the Plenary Assembly considers of an issue concerning a member of the Bureau (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 24)**	**<u>Article 32</u> : Procédure lorsque l'Assemblée Plénière examine une question concernant un membre du Bureau (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/201 dans son article 24)**
	If the Plenary Assembly examines any issue related to	Lorsque l'Assemblée Plénière délibère sur une

Iyo Inteko Rusange isuzuma ikibazo cyerekeye Perezida w'Umutwe w'Abadepite ku giti cye, Visi-Perezida ushinzwe iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni we uyobora impaka, yaba adahari zikayoborwa na Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi.	the Speaker of the Chamber of Deputies, the Deputy Speaker in charge of legal affairs and control of government action presides over the debates; and in his/her absence, the debates are presided over by the Deputy Speaker in charge of activities related to finance and administration.	question qui concerne le Président de la Chambre des Députés personnellement, la direction des débats est assurée par le Vice-Président chargé d'assurer le suivi des activités législatives et du contrôle de l'action gouvernementale ou en cas d'absence, par le Vice-Président chargé d'assurer le suivi des activités financières et administratives.
Icyo gihe, Perezida w'Umutwe w'Abadepite yicara mu ntebe imugenewe nk'Umudepite. Ni ko bigenda iyo Inteko Rusange isuzuma ikibazo kireba umwe muri ba Visi Perezida ku giti cye.	During that time, the Speaker of the Chamber of Deputies takes a seat in his/her chair as a Deputy.The same shall apply if the Plenary Sitting examines an issue related to either of the Deputy Speakers	Dans ce cas, le Président de la Chambre des Députés prend place sur le siège lui réservé en tant que Député. Il en est ainsi lorsque l'Assemblée Plénière examine une question qui concerne un des Vice-Présidents.
<u>Ingingo ya 32 bis:</u> Uko bigenda iyo Inteko Rusange isuzuma umushinga w'itegeko watangijwe n'umwe mu bagize Biro (Ingingo yongewemo n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 25	**<u>Article 32 bis</u>: Proceedings when the Plenary Assembly considers a private member's bill initiated by a member of the Bureau (Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 25**	**<u>Article 32 bis</u> : Procédure lorsque l'Assemblée Plénière examine une proposition de loi initiée par un membre de Bureau (Loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 25**
Iyo Perezida w'Umutwe w'Abadepite ahagarariye umushinga w'itegeko yatangije ubwe cyangwa ahagarariye itsinda ry'Abadepite ryawutangije, Visi-Perezida ushinzwe iby'amategeko, kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni we uyobora impaka; yaba adahari zikayoborwa na Visi-Perezida ushinzwe gukurikirana imirimo yerekeranye n'imari n'abakozi.	Where the Speaker of the Chamber of Deputies tables a private member's bill he/she has initiated or represents a group of Deputies that initiated it, the Deputy Speaker in charge of legal affairs and control of government action presides over the debates; and in his/her absence, the debates are presided over by the Deputy Speaker in charge of activities related to finance and administration.	Lorsque le Président de la Chambre des Députés défend lui-même une proposition de loi qu'il a initiée ou représente un groupe de Députés qui l'a initiée, la direction des débats est assurée par le Vice-Président chargé d'assurer le suivi des activités législatives et du contrôle de l'action gouvernementale ou en cas d'absence, par le Vice-Président chargé d'assurer le suivi des activités financières et administratives.
Icyo gihe, Perezida w'Umutwe w'Abadepite yicara	During that time, the Speaker of the Chamber of	Dans ce cas, le Président de la Chambre des

mu mwanya wateguriwe Abadepite bahagarariye imishinga y'amategeko. Ni ko bigenda iyo umwe mu ba Visi Perezida ahagarariye umushinga w'itegeko yatangije ubwe cyangwa ahagarariye itsinda ry'Abadepite ryawutangije.	Deputies takes a seat in places reserved for Deputies representing bills of law. The same shall apply if either of the Deputy Speakers tables a private member's bill he/she has initiated or represents a group of Deputies that initiated it.	Députés prend place sur le siège réservé aux auteurs de propositions de loi. Il en est ainsi lorsque l'un des Vice-Présidents défend lui-même une proposition de loi qu'il a initiée ou représente un groupe de Députés qui l'a initiée.
<u>Ingingo ya 33</u>: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 26)**	**<u>Article 33</u> : Duties of the Clerk** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 26)**	**<u>Article 33</u> : Attributions du Secrétaire Général** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 26)**
Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite ni izi zikurikira :	The duties of the Clerk of the Chamber of Deputies are as follows :	Les attributions du Secrétaire Général de la Chambre des Députés sont les suivantes :
1° guhuriza hamwe no kuyobora imirimo y'urwego rwa tekiniki; 2° kubera umwanditsi inama ya Biro n'iy'Abaperezida ;	1° to coordinate and head the activities of the technical organ; 2° to act as a rapporteur of the meetings of the Bureau and of the Conference of Chairpersons;	1° coordonner et diriger les activités d'ordre technique ; 2° être le rapporteur des réunions du Bureau et de la Conférence des Présidents;
3° gukurikirana itegurwa ry'inyandiko zose zirebana n'imirimo y'Inteko Rusange;	3° to follow up the preparation of all documents related to activities of the Plenary Assembly;	3° assurer le suivi de la préparation de tous les documents relatifs aux travaux de l'Assemblée Plénière ;
4° gukurikirana imirimo y'Inteko Rusange;	4° to follow up the Plenary sessions;	4° assurer le suivi des séances plénières ;
5° kugira inama Perezida w'Umutwe w'Abadepite mu byerekeye amategeko ngengamikorere y'Umutwe w'Abadepite;	5° to advice the Speaker of the Chamber of Deputies on matters relating to the Rules of procedure of the Chamber of Deputies;	5° conseiller le Président de la Chambre des Députés sur le Règlement d'ordre intérieur de la Chambre des Députés ;
6° kwakira ibibazo by'Abadepite bijyanye n'ibyangombwa by'akazi bakeneye;	6° to receive complaints of Deputies with repect to official needs they expect to be resolved;	6° répondre aux demandes des Députés relatives aux outils de travail ;

7° gutegura incamake ya buri kwezi yerekeye imirimo y'Inteko Rusange;	7° to prepare a monthly summary activity report of the Plenary Session;	7° préparer les résumés mensuels des activités de l'Assemblée plénière ;
8° kuba Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite;	8° to act as the Chief Budget Manager of the Chamber of Deputies;	8° être le Gestionnaire Principal du budget de la Chambre des Députés ;
9° gutegura igenamigambi n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'Umutwe w'Abadepite;	9° to prepare a plan and draft of budget of the Chamber of Deputies;	9° préparer la planification et l'avant projet du budget de la Chambredes Députés ;
10° gutegura imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe y'imirimo n'inzego z'imirimo by'Umutwe w'Abadepite;	10° to prepare a draft of the organisation chart and the structure of the Chamber of Deputies;	10° préparer l'avant projet du cadre organique et de l'organigramme de la Chambre des Députés ;
11° gukora indi mirimo y'Umutwe w'Abadepite asabwa na Biro y'Umutwe w'Abadepite.	11° to perform any other activities of the Chamber of Deputies as may be required by the Bureau of the Chamber of Deputies	11° exécuter toute autre tâche lui confiée par le Bureau de la Chambre des Députés.
Icyiciro cya 3 : Komisiyo	**Section 3 : Committees**	**Section 3 : Commissions**
Ingingo ya 34:	**Article 34 :**	**Article 34** :
Umutwe w'Abadepite wiremamo Komisiyo zihoraho. Ushobora kandi gushyiraho Komisiyo zidasanzwe.	The Chamber of Deputies establishes among itself Standing Committees. It may also establish temporary Committees.	La Chambre des Députés crée en son sein des Commissions permanentes. Elle peut en outre constituer des Commissions spéciales.
Buri Komisiyo ihoraho igirwa nibura n'abadepite batandatu (6).	Each permanent Committee is composed of at least six (6) Deputies.	Chaque Commission permanente doit compter au moins six (6) Députés.
Ingingo ya 35:	**Article 35** :	**Article 35** :
Abagize Komisiyo zihoraho mu Mutwe w'Abadepite bagenwa mu buryo bukurikira :	Members of standing Committees in the Chamber of Deputies are determined in the following manner:	La composition des Commissions permanentes de la Chambre des Députés est déterminée comme

		suit:
1° buri Mudepite yiyandikisha muri komisiyo imwe; 2° Biro y'Umutwe w'Abadepite igenzura uko Abadepite biyandikishije noneho ikemeza abagize komisiyo ikurikije ibi bikurikira :	1° every Deputy registers in only one Standing Committee ; 2° the Bureau of the Chamber of Deputies verifies how the registration of Deputies is conducted and thereafter approves the members of the committee in consideration of the following criteria :	1° chaque Député se fait inscrire dans une seule Commission ; 2° le Bureau de la Chambre des Députés vérifie les inscriptions des Députés et arrête la composition définitive de chaque Commission sur base des critères ci-après :
a) icyifuzo cya buri Mudepite;	a) the preference of each Deputy;	a) le souhait de chaque Député ;
b) umubare w'abagize buri Komisiyo;	b) the number of members of each Committee;	b) le nombre des membres de chaque Commission ;
c) ibyo Komisiyo ihoraho ishinzwe;	c) the responsibilities of the standing committee;	c) les attributions de la Commission permanente ;
d) uburambe muri Komisiyo;	d) the experience of the Deputy in the Committee;	d) l'expérience dans la Commission ;
e) uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'Igihugu;	e) gender aspect;	e) aspect genre ;
f) gukora ku buryo buri Mutwe wa Politiki cyangwa buri cyiciro gihagarariwe mu Mutwe w'Abadepite bigaragara muri Komisiyo, iyo bishoboka.	f) ensuring that each political organisation or every group in the Chamber of Deputies is represented in the Committee, if possible.	f) la représentation, si possible, de chaque formation politique ou chaque groupe représenté à la Chambre des Députés.
<u>Ingingo ya 36:</u> Biro ya Komisiyo ihoraho (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 27)	**<u>Article 36</u> : Bureau of the Standing Committee (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 27)**	**<u>Article 36 :</u> Bureau de la Commission Permanente (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 27)**
Buri Komisiyo igira Biro yayo igizwe na Perezida na	Each Committee has its Bureau comprised of a	Chaque Commission est dirigée par un Bureau

Visi-Perezida uyibera Umuvugizi. Perezida na Visi-Perezida ba buri Komisiyo batorwa n'Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bari mu nama.	Chairperson and a Deputy Chairperson who acts as its spokesperson. The Chairperson and the Deputy Chairperson of each Committee are elected by the Plenary Assembly upon absolute majority vote of the Deputies present.	composé d'un Président et d'un Vice-Président qui en est le rapporteur. Le Président et le Vice-Président de chaque Commission sont élus par l'Assemblée Plénière à la majorité absolue des Députés présents.
Kugira ngo batorwe, ababyifuza bo muri buri Komisiyo bandikira Perezida w'Umutwe w'Abadepite babisaba, akabimenyesha Inteko Rusange. Perezida wa buri Komisiyo atorwa ukwe na Visi-Perezida ukwe.	Members of the Standing Committee wishing to be elected shall notify in writing the Speaker of the Chamber of Deputies who shall notify the Plenary Assembly thereof. The Chairperson and the Deputy Chairperson of every Committee shall be elected separetely.	Pour être élus, les membres de chaque Commission qui le désirent font parvenir leurs candidatures au Président de la Chambre des Députés qui les communique à l'Assemblée Plénière. Le Président et le Vice-Président de chaque Commission sont élus séparément.
Iyo nta mukandida ugize amajwi ya ngombwa, itora risubirwamo rimwe uwo munsi. Mu gihe amajwi ya ngombwa atabonetse ku nshuro ya kabiri, uwo mwanya wongera kwiyamamarizwa.	When there is no candidate with the required votes, the voting shall be repeated once during that day. In case the required votes are not obtained on the second time, the post is subject to further campaigns.	Lorsqu'après vote, aucun candidat n'obtient la majorité requise, on procède à un seul nouveau scrutin le même jour. Lorsque ce nouveau scrutin ne dégage pas de candidat gagnant, le poste est remis en compétition.
Iyo abakandida banganyije amajwi, itora risubirwamo rimwe. Nyuma yo gusubiramo, iyo nta mukandida ubonye amajwi ya ngombwa, uwo mwanya wongera kwiyamamarizwa.	In case of a tie, the election is repeated once. If there is no candidate that obtains the required votes after repetition, the post is once again subject to campaigns.	En cas d'égalité des voix, on procède à un nouveau vote une fois. Si après ce nouveau scrutin, aucune majorité ne se dégage, le poste est remis en compétition.
Iyo Perezida na Visi-Perezida bafite impamvu ibabuza kuyobora Komisiyo, cyangwa bavuye mu myanya yabo burundu bakaba batarasimburwa, iyoborwa n'Umudepite Mukuru mu myaka y'amavuko mu bafite uburambe busumbye ubw'abandi mu kazi k'ubudepite mu bagize Komisiyo bahari, Umudepite muto mu myaka y' amavuko akaba Umuvugizi."	When the Chairperson and the Deputy Chairperson have a reason that may hinder them from directing the committee or have definately left office and before their replacement, it is directed by the oldest Deputy among the more experienced ones in the duties of Deputies among the members of the Committee present and the youngest Deputy acts as the rapporteur."	Lorsque le Président et le Vice-Président sont empêchés ou lorsqu'ils ont quitté définitivement leurs postes et, ne sont pas encore remplacés, la Commission est présidée par le Député de la Commission le plus âgé ayant le plus d'ancienneté à la Chambre des Députés. Le Député le moins âgé en est le rapporteur. »

<u>Ingingo ya 37</u>: Manda y'abagize Biro ya Komisiyo ihoraho **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 28)**	**<u>Article 37</u> : Term of Office of the Bureau of the standing Committee** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 28)**	**<u>Article 37</u> : Mandat des membres du Bureau de la Commission permanente** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 28)**
Biro ya Komisiyo itorerwa imyaka ibiri n'igice (2 ½) ishobora kongerwa.	Members of the Bureau of the committee have a term of office of two and a half (2½) years renewable.	Le Bureau d'une Commission est élu pour un mandat de deux ans et demi (2½) renouvelable.
Biro ya Komisiyo cyangwa umwe mu bayigize bashobora gusimburwa bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.	The Bureau of the Committee or one of its members may be replaced upon request by a third (1/3) of its members.	Le Bureau d'une Commission ou l'un de ses membres peut être remplacé sur demande d'un tiers (1/3) des membres de la Commission.
Mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), inama yo kwiga icyo kibazo itumizwa na Perezida wa Komisiyo cyangwa Visi-Perezida bitewe n'usimburwa. Icyakora igihe ari ugusimbura Biro yose, inama itumizwa ikanayoborwa n'umwe mu bagize Biro y'Umutwe w'Abadepite.	In a period not exceeding seven (7) days, the meeting to examine that issue is convened by the Chairperson or the Vice-Chairperson of the Committee depending on the person to be replaced. However, in case of replacement of the entire Bureau, the meeting is convened and presided over by one of the members of the Bureau of the Chamber of Deputies.	Dans un délai n'excédant pas sept (7) jours, la séance consacrée à l'examen de cette question est convoquée par le Président ou le Vice-Président de la Commission selon celui qui doit être remplacé. Toutefois, si le Président et le Vice-Président sont à remplacer, la séance est convoquée et présidée par un des membres du Bureau de la Chambre des Députés.
Iyo idatumijwe muri ubwo buryo, itumizwa kandi ikayoborwa n'Umudepite mukuru mu myaka kandi ufite uburambe busumba ubw'abandi mu kazi k'ubudepite mu batanze ikibazo.	When the meeting is not convened through that procedure, it is convened and presided over by the eldest and experienced Deputy among those who forwaded the complaint.	Lorsqu'elle n'est pas convoquée par lui, la séance est convoquée et présidée par le Député le plus âgé et ayant le plus d'ancienneté à la Chambre parmi les Députés qui ont introduit la demande.
Byemejwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize, Komisiyo ibinyujije kuri Biro y'Umutwe w'Abadepite, ishyikiriza Inteko Rusange icyo cyifuzo na yo ikagifatira icyemezo ku bwiganze	Upon approval by two thirds (2/3) of its members, the Committee through the Bureau of the Chamber of Deputies, forwards such a proposal to the Plenary Assembly which inturn makes a decision by the	Avec l'accord de deux tiers (2/3) de ses membres, la Commission soumet à travers le Bureau de la Chambre cette proposition à l'Assemblée plénière qui décide à la majorité absolue des Députés

burunduye bw'Abadepite bari mu nama.	absolute majority vote of the Deputies present in the Plenary Assembly.	présents.
Isimburwa ry'umwe cyangwa abagize Biro bose rikorwa mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) nyuma y'uko icyemezo gifashwe n'Inteko Rusange, hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 37 y'iri tegeko ngenga.	The replacement of one or all members of the bureau is done within fifteen (15) days after the Plenary Assembly makes a decision in accordance with provisions of article 36 of this organic law.”	Le remplacement d'un ou de tous les membres du Bureau se fait dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à partir du jour de la prise de décision par l'Assemblée Plénière et conformément aux dispositions de l'article 36 de la présente loi organique.
Akiciro ka mbere: Ibyerekeye Komisiyo zihoraho	**Sub-section one : Standing Committees**	**Sous-section première : Des Commissions Permanentes**
<u>Ingingo ya 38</u>: Komisiyo zihoraho n’inshingano zazo **(Ingingo yahinduwe n’itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 29)**	**<u>Article 38</u> : Standing Committees and their functions** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 29)**	**<u>Article 38</u> : Commissions Permanentes et leurs attributions** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 29)**
Hashyizweho Komisiyo icyenda (9) zihoraho zihawe inyito zikurikira:	“There are hereby established nine (9) Standing Committees named as follows:	Il est créé neuf (9) Commissions permanentes dénommées comme suit:
1° Komisiyo ya Politiki, Uburinganire n‘Ubwuzuzanye bw’Abagabo n’Abagore mu iterambere ry‘Igihugu**;**	1° The Committee on Political Affairs and Gender;	1° la Commission Politique et de la Promotion du Genre;
2° Komisiyo y’Ubukungu n‘Ubucuruzi;	2° The Committee on Economy and Trade;	2° la Commission Economique et du Commerce;
3° Komisiyo y’Uburezi, Ikoranabuhanga, Umuco n’Urubyiruko;	3° The Committee on Education, Technology, Culture and Youth;	3° la Commission de l’Education, de la Technologie, de la Culture et de la Jeunesse ;
4° Komisiyo y’Ububanyi n’amahanga,	4° The Committee on Foreign Affairs, Cooperation	4° la Commission des Affaires Etrangères, de la

Ubutwererane n'Umutekano**;**	and Security;	Coopération et de la Sécurity;
5° Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage**;**	5° The Committee on Social Affairs;	5° la Commission des Affaires sociales ;
6° Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no kurwanya Jenoside;	6° The Committee on National Unity, Human Rights and Fight against Genocide;	6° la Commission de l'Unité Nationale, des Droits de la Personne et de la Lutte contre le Génocide ;
7° Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo by'Igihugu;	7° The Committee on Budget and National Patrimony;	7° la Commission du Budget et du patrimoine de l'Etat ;
8° Komisiyo y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Ibidukikije;	8° The Committee on Agriculture, Livestock development and Environment;	8° la Commission de l'Agriculture, de l'Elevage et de l'Environnement ;
9° Komisiyo ishinzwe gukurikirana imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Igihugu".	9° The Committee on Public Accounts.	9° la Commission chargée du suivi de l'Utilisation des Finances et du Patrimoine de l'Etat.
Mu rwego rwo kwiga imishinga y'amategeko ivuye muri Guverinoma cyangwa yatangijwe n'Abadepite no gushyira mu bikorwa uburyo bwo kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, inshingano za Komisiyo ni izi ikurikira:	Regarding the consideration of bills introduced by Government or private member's bills and the oversight of government action, responsibilities of the Committees are as follows:	Dans le cadre de l'examen des projets de loi provenant du Gouvernement ou des propositions de lois initiées par les Députés et de la mise en oeuvre de moyens d'information et de contrôle de l'action gouvernementale, les attributions des Commissions sont les suivantes:
1°. Komisiyo ya Politiki, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore mu iterambere ry'Igihugu ishinzwe ibyerekeye: a) imiyoborere y'Igihugu n'imikoranire y'inzego za Leta; b) ubutabera; c) itangazamakuru;	1°. The Committee on Political Affairs and Gender shall be responsible for issues relating to: a) public administration and State Institutional relations; b) justice; c) media;	1°. la Commission Politique et de la Promotion du Genre est chargée : a) de l'administration générale de l'Etat et des relations institutionnelles ; b) de la justice ; c) de la presse ;

d) imiryango itari iya Leta; e) irangamimerere; f) uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ry'Igihugu; g) iterambere ry'abagore n'umuryango, umutungo w'umuryango, inshingano z'abashakanye; h) gukurikirana ihuzwa ry'amategeko y'u Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga ateza imbere abagore yemejwe n'u Rwanda; i) kurwanya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano nayo; j) gusuzuma raporo y'Umuvunyi no gutegurira Inteko Rusange umushinga w'imyanzuro mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) iyo raporo ishyikirijwe Inteko Rusange.	d) non governmental organisations; e) civil status; f) gender promotion; g) promotion of women and family, family property, responsibilities of spouses ; h) follow-up of harmonization of Rwandan laws with international conventions that promote women which were ratified by Rwanda; i) fight against corruption and other related offences; j) consideration of the report of the Office of the Ombudsman and preparation of draft recommendations within six (6) months of the date of submission of such report to the Plenary Assembly;	d) des organismes non gouvernementaux ; e) de l'état civil ; f) de la promotion du genre ; g) de la promotion de la femme et de la famille, du patrimoine familial, des obligations des conjoints ; h) du suivi d'harmonisation de la législation rwandaise avec les conventions internationales en rapport avec la promotion de la femme et qui ont été ratifiées par le Rwanda ; i) de la lutte contre la corruption et autres infractions connexes ; j) de l'examen du rapport de l'Office de l'Ombudsman et préparer le projet de recommandations dans un délai de six (6) mois à compter de la présentation de ce rapport à l'Assemblée Plénière ;
2°. Komisiyo y'Ubukungu n'Ubucuruzi ishinzwe ibyerekeye: a) ubukungu n'ubucuruzi birimo cyane cyane: i. kwegurira ibigo bya Leta abikorera ; ii. ishoramari; iii. amashyirahamwe n'ibigo by'ubucuruzi,	2°. The Committee on Economy and Trade shall be responsible for issues relating to: a) economy and trade including particularly : i. privatization; ii.investment; iii. associations and commercial	2°. La Commission Economique et du Commerce est chargée: a) des questions économiques et commerciales, spécialement : i. la privatisation ii. l'investissement

amabanki, ibigo by'imari icirirtse n'amakoperative;	enterprises, banks, institutions microfinance and cooperatives;	iii. les associations et entreprises commerciales, les institutions de micro finances, les banques et les coopératives ;
b) ibikorwa remezo, ingufu, amazi, mine na kariyeri, gutwara abantu n'ibintu, amaposita no gutumanaho;	b) infrastructure, energy, water, mines and quarries, transportation of persons, commodities, posts and communications;	b) des infrastructures, de l'énergie, de l'eau, des mines et carrières, des transports, des postes et des communications ;
c) ubukerarugendo.	c) tourism;	c) du tourisme;
3° Komisiyo y'Uburezi, Ikoranabuhanga**,** Umuco n'Urubyiruko ishinzwe ibyerekeye :	3° The Committee on Education, Technology, Culture and Youth shall be responsible for issues relating to:	3° La Commission de l'Education, de la Technologie, de la Culture et de la Jeunesse est chargée :
a) uburezi, harimo: i. imyigirishirize mu nzego z'amashuri; ii. imyigishirize y'abakuze;	a) education, including; i. education in learning institutions; ii. adult education;	a) de l'éducation, notamment; i. de l'enseignement au niveau des écoles ; ii. de l'enseignement des adultes ;
b) ikoranabuhanga ; c) ubushakashatsi ; d) urubyiruko ; e) siporo n'imyidagaduro ; f) gutunganya no guteza imbere ubuhanzi, ubuvanganzo n'umuco.	b) technology; c) research; d) youth; e) sports and entertainment; f) organisation and promotion of arts, literature and culture.	b) de la technologie ; c) de la recherche ; d) de la jeunesse ; e) des sports et des loisirs ; f) de l'organisation et de la promotion des arts, de la littérature et de la culture.
4° Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano ishinzwe ibyerekeye :	4° The Committee on Foreign Affairs, Cooperation and Security shall be responsible for issues relating to:	4° La Commission des Affaires Etrangères, de la Coopération et de la Sécurité est chargée :
a) Ububanyi n'Amahanga ; b) Umubano n'ubutwererane n'izindi Nteko	a) international relations; b) relations and cooperation with other	a) des affaires étrangères ; b) de la relation et de la coopération avec d'autres

zishinga Amategeko; c) amasezerano y'inguzanyo n'impano hagati y'u Rwanda n'ibihugu by'amahanga cyangwa Imiryango Mpuzamahanga; d) gukurikirana imyanzuro ya raporo z'intumwa z'Abadepite zagiye mu mahanga; e) ibibazo birebana n' imitunganyirize ya porotokole ya Leta muri rusange; f) gukurikirana ibijyanye n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeye; g) gukurikirana ibijyanye n'Abanyarwanda baba mu mahanga ; h) gusuzuma raporo z'Inteko Zishinga Amategeko n'imiryango mpuzamahanga u Rwanda rurimo ; i) gusuzuma raporo ku isuzumamiyoborere Nyafurika; j) umutekano n'ubusugire bw'Igihugu; k) ubutwererane mu bya gisirikare na gipolisi; l) ibibazo byose byerekeye gutangaza intambara ku mugaragaro no guhagarika intambara; m) imitunganyirize y'inzego zirebana n'ipereereza n'umutekano; n) abinjira n'abasohoka; o) ibiza; p) abasirikare, abapolisi n'abandi bagize izindi nzego	parliaments; c) loan and grant agreements between Rwanda and foreign countries or international organisations; d) recommendations contained in reports of Deputies who went on official missions abroad; e) matters regarning the organisation of state protocol in general; f) matters regarning the international agreements signed by Rwanda; g) matters regarning the Rwandans in diaspora; h) consideration of reports of Parliaments and international organizations in which Rwanda is membership; i) consideration of reports on the African Peer Review Mechanism; j) security and territorial integrity; k) cooperation in military matters; l) declaration and cessation of war; m) organisation of services related to intelligence and security; n) immigration and emigration ; o) disasters ;	parlements; c) des accords de prêt et de don entre le Rwanda et les pays étrangers ou les organisations internationales ; d) de faire le suivi des recommandations des rapports de mission à l'étranger effectuées par les Députés ; e) des questions relatives à l'organisation du Protocole de l'Etat en général ; f) des questions relatives aux conventions internationales ; g) de faire le suivi des questions relatives à la diaspora rwandaise ; h) examiner les rapports des Parlements et des organisations internationales dont le Rwanda est membre ; i) examiner les rapports relatifs au mécanisme africain d'évaluation par les pairs ; j) de la sécurité et de l'intégrité nationale ; k) de la coopération militaire ; l) de toutes les questions relatives à la déclaration de guerre et à l'arrêt des hostilities; m) de l'organisation des services de renseignement et de sécurité ; n) de l'immigration et l'émigration ; o) des désastres ; q) des militaires, des agents de police et autres

z'umutekano n'ipereereza.	p) military, police and other members of security and intelligence service.	agents des services de sécurité et de renseignement
5° Komisiyo y'Imibereho y'Abaturage ishinzwe ibyerekeye: a) imibereho, ubwiyongere, isuku n'ubuzima by'abaturage; b) imibereho y'abana, impfubyi, abapfakazi, abantu bafite ubumuga, abasheshe akanguhe n'abandi batishoboye; c) ibibazo bya SIDA n'izindi ndwara z'ibyorezo; d) ibibazo birebana n'ubwiteganyirize n'ubwisungane; e) ibibazo birebana n'abakozi n'umurimo; f) ibibazo by'ihohoterwa, ubuzererezi no gusabiriza; g) gusuzuma raporo ya Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta no gutegurira Inteko Rusange umushinga w'imyanzuro mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) iyo raporo ishyikirijwe Inteko Rusange.	5° The Committee on Social Affairs, shall be responsible for issues relating to: a) welfare, demographics, hygiene and health of the population; b) welfare of children, orphans, widows, disabled, aged and other vulnerable groups; c) AIDS and other epidemic diseases; d) issues relating to social security and mutual health insurance; e) issues relating to employees and employment; f) issues relating to violence, vagrancy and begging; g) consideration of the report of the Public Service Commission and preparation of draft recommendations within six (6) months of the date of submission of such report to the Plenary Assembly.	5° La Commission des Affaires sociales est chargée : a) des questions sociales, démographiques, d'hygiénes et de santé ; b) du bien-être des enfants, des orphelins, des veuves et des veufs, des handicapés, des personnes âgées et autres groupes vulnérables ; c) des problèmes en rapport avec le SIDA et autres pandémies; d) des questions relatives à la sécurité sociale et aux mutuelles de santé; e)des problèmes en rapport avec les travailleurs et l'emploi; f) des questions liées à la violence, au vagabondage et à la mendicité ; g) d'examiner le rapport de la Commission de la Fonction Publique et de préparer pour le compte de l'Assemblée Plénière le projet de recommandations dans un délai ne dépassant pas six (6) mois à partir de la présentation du rapport à l'Assemblée Plénière.
6°. Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no kurwanya Jenoside ishinzwe ibyerekeye **:** a) ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda n'uburenganzira bwa Muntu ;	6° The Committee on Unity, Human Rights and Fight against Genocide shall be responsible for issues relating to:	6° La Commission de l'Unité Nationale, des Droits de la Personne et de la lutte contre le Génocide est chargée : a) des questions relatives à l'Unité et à la Réconciliation Nationales ainsi qu'aux Droits de la

b) gukumira no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, ipfobya, ihakana n'ibyo igaragariramo byose ; c) gukurikirana no gushakira umuti ingaruka za Jenoside yakorewe abatutsi ; d) kurwanya amacakubiri mu mvugo, mu nyandiko, mu bikorwa no mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose ; e) ibibazo byose bijyanye no guhuza amategeko y'u Rwanda n'Amasezerano Mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda, ateza imbere uburenganzira bwa Muntu, uretse ari mu nshingano z'izindi Komisiyo ; f) imiryango yita ku burenganzira bwa Muntu; g) ibibazo byose ku mikorere y'inzego z'ubutegetsi zifitanye isano no kubahiriza uburenganzira bwa Muntu; h) gusuzuma raporo ya Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside n'iya Komisiyo y'igihugu y'uburenganzira bwa Muntu no gutegurira Inteko Rusange imishinga w'imyanzuro mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) izo raporo zishyikirijwe Inteko Rusange.	a) unity and reconciliation of Rwandans and human rights; b) prevention and fight against the ideology of genocide, minimization and denial of genocide and all its manifestations; c) follow up and search for solution of effects of the genocide against the Tutsi; d) fight against discrimination in speeches, writings, in actions and in any other forms; e) all issues relating to harmonization of Rwandan laws and international conventions on human rights ratified by Rwanda, except for those that fall under the responsibilities of other Committees; f) human rights organisations; g) functioning of the structures of administration that have relationship with respect of human rights; h) consideration of the report of the National Commission for the Fight against Genocide and that of the National Commission for Human Rights and preparation of draft recommendations within six (6) months of the date of submission of such reports to the	personne ; b) des questions relatives à la prévention et à la lutte contre l'idéologie du génocide et toutes ses manifestations ; b) des questions visant à trouver la solution aux conséquences du génocide ; d) de lutter contre la discrimination sous forme des propos, des écrits, des actes et sous toute autre forme ; e)des questions visant à harmoniser la législation rwandaise avec les conventions internationales en rapport avec les Droits de la personne qui ont été ratifiées par le Rwanda, sauf celles qui font partie des attributions des autres Commissions ; f) des organisations de défense des droits de la personne ; g) de toutes questions relatives au fonctionnement des services de l'Etat concernés par la protection des Droits de la personne ; h) d'examiner le rapport de la Commision Nationale de lutte contre le Génocide et de la Commission Nationale des Droits de la personne et de préparer pour le compte de l'Assemblée Plénière les projets de recommandation dans un délai ne dépassant pas six(6) mois à partir de la présentation des rapports à l'Assemblée Plénière.

7°Komisiyo y'Ingengo y'imari n'umutungo by'Igihugu ishinzwe ibyerekeye: a) gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari y'Inteko Ishinga Amategeko; b) gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari y'Igihugu; c) gukurikirana gahunda y'igihugu yo kurwanya ubukene; d) gukurikirana politiki y'imisoro n'amahoro n'amategeko arebana nayo; e) gukurikirana politiki y'imyenda y'igihugu; f) gukurikirana ibarura n'igenamigambi ry'Igihugu ; g) gukurikirana politiki y'uburyo uburinganire n''ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo byinjizwa mu ngengo y'imari y'Igihugu. 8° Komisiyo y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Ibidukikije ishinzwe ibyerekeye : a) ubuhinzi, ubworozi, amashyamba n'ibidukikije; b) ubutaka, imiturire n'amajyambere rusange; c) ubushakashatsi n'ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi; d) imihindagurikire y'ibihe n'ingaruka zabyo.	Plenary Assembly. 7° The Committee on National Budget and Patrimony is responsible for issues relating to: a) consideration of the draft budget of the Parliament ; b) consideration of the draft State budget; c) follow-up on the Poverty Reduction Strategy Paper; d) follow-up on national tax policy and related laws; e) follow-up on national debt policy; f) follow-up on census and national planning; g) make follow-up on the mainstreaming of gender policy into state budget. 8° The Committee on Agriculture, Livestock and Environment shall be responsible for issues relating to: a) agriculture, forestry and environment; b) land, habitat and development in general; c) research and technology in agriculture and	7° La Commission du Budget et du Patrimoine de l'Etat est chargée de : a) examiner le projet de budget du parlement; c) exanimer le projet de loi du budget de l'Etat ; d) faire le suivi du programme de l'Etat de lutte contre la pauvreté ; d) faire le suivi de la politique des impôts et taxes ainsi que les lois des lois y relatives; e) faire le suivi la politique relative à la dette de l'Etat ; f) fiare le suivi du recensement et de la planification de l'Etat ; g) faire le suivi de la politique relative à l'introduction du genre et de la complémentarité des femmes et des hommes dans le budget de l'Etat. 8°. La Commission de l'Agriculture, de l'Elevage et de l'Environnement est chargée : a) de l'agriculture, de l'élevage, des forêts et de l'environnement ; b) de tout problème lié à la terre, à l'habitat et au développement communautaire ; c) de la recherche et de la technologie moderne dans l'agriculture et l'élevage ; d) des changements climatiques et de leurs

	livestock; d) climate change and related effects.	conséquences.
9° Komisiyo ishinzwe gukurikirana imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Igihugu ishinzwe ibyerekeye :	9°. The Committee on Public Accounts shall be responsible for issues relating to:	9° La Commission chargée du suivi de l'utilisation du budget et du patrimoine de l'Etat est chargée :
a) gusesengura raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Igihugu no gutegurira Inteko Rusange umushinga w'imyanzuro mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) iyo raporo ishyikirijwe Inteko Rusange ;	a) analysis of the report of the Auditor General of State Finances with respect to the use of national budget and patrimony and preparation of draft recommendations within six (6) months of the date of submission of such reports to the Plenary Assembly;	a) d'analyser le rapport de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat sur l'utilisation du budget et du patrimoine de l'Etat et préparer pour l'Assemblée Plénière le projet de recommandations dans un délai de six (6) mois à dater de la présentation de ce rapport à l'Assemblée Plénière ;
b) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yemejwe n'Inteko Rusange mu gihe cy'isesengura ryakozwe kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ;	b) follow-up on the implementation of resolutions adopted by the Plenary Assembly during the analysis of the report of the Auditor General of State Finances;	b) faire le suivi de la mise en application des recommandations adoptées par l'Assemblée Plénière pendant l'analyse du rapport de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat;
c) gusuzuma, kwiga no gutanga raporo mu Nteko Rusange ku ibaruramari rusange ry'inzego zikoresha imari n'umutungo bya Leta ;	c) consideration, study and submission of report on general accounts of institutions which use national budget and patrimony;	c) examiner, étudier et présenter le rapport à l'Assemblée Plénière sur la comptabilité générale des institutions qui utilisent le budget et le patrimoine de l'Etat ;
d) gukora raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'imari ya Leta;	d) preparation of reports on the use of national budget .	d) faire le rapport sur l'utilisation du Budget de l'Etat ;
e) gusuzuma, kwiga no gutanga raporo mu Nteko Rusange ku ibaruramari rusange ry'ikigo cyangwa urwego bikoresha imari	e) consideration, study and submission to	e) examiner, étudier et présenter à l'Assemblée plénière le rapport sur la comptabilité d'une institution qui utilise le

n’umutungo bya Leta; f) gukora indi mirimo yerekeranye n’imikoreshereze y’imari n’umutungo by’igihugu mu bigo bya Leta, mu mishinga ya Leta . Buri Komisiyo isuzuma ibibazo by’abaturage biri mu nshingano zayo byashyikirijwe Umutwe w’Abadepite igashyikiriza raporo Inteko rusange . Perezida w'Umutwe w’Abadepite ashyikiriza Komisiyo bireba inyandiko zirebana n‘ibibazo by’Abaturage byashyikirijwe Abadepite cyangwa byagejejwe ku Mutwe w’Abadepite. Komisiyo ifite uburenganzira bwo gutumiza uwatanze ikibazo, abatangabuhamya, impuguke cyangwa umuntu wese wagira icyo ayungura kuri icyo kibazo. Komisiyo kandi ifite uburenganzira bwo gutumira Umuyobozi uwo ari we wese, umwe mu bagize Guverinoma cyangwa uyihagarariye, urebwa n’ikibazo gisuzumwa. Ishobora kandi gusaba ibisobanuro, haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko, ku kibazo gisuzumwa. Kugira ngo ikibazo cyakirwe, izina n’aho uwatanze ikibazo abarizwa n’impamvu yacyo bigomba kugaragazwa.	Plenary sitting of report on accounts of institution which use national budget an patrimony; f) performance of such other duties related to the use of national budget and patrimony within public institutions goveninmental organization . Each Committee shall consider petitions of the population lodged with the Chamber of Deputies falling under its responsibilities and submit its report to Plenary sitting. The Speaker submits to every Committee the petitions of the population documents of such petitions forwarded to Deputies or the Chamber of Deputies. The committee has the right to invite the complainant, witnesses, experts or any person that may give any relevant information on that matter. The Committee also has the right to invite any leader, any person among the Cabinet members or its representative concerned with the issue under examination. It may also request for explanations either verbally or in writing, on the issue under examination.	budget et le patrimoine de l’Etat; f) faire d’autres activités relatives à l’utilisation du budget et du patrimoine de l’Etat dans les établissements publics, les projets de l’Etat. Chaque Commission examine les rêquêtes de la population entrant dans ses attributions qui ont été transmises à la Chambre des Députés et présente son rapport à l’Assemblé plenière. Le Président de la Chambre des Députés transmet à la Commission conernée les documents de pétitions adressées aux Députés ou à la Chambre des Députés. La Commission a le droit de convoquer l'auteur de la pétition, les témoins, les experts ou toute autre personne qui a l'information sur la pétition sous examen. La Commission a également le droit de convoquer à ses réunions toute autorité administrative ou tout membre du Gouvernement ou son représentant, qui sont concernés par la pétition sous examen. Elle peut exiger d'avoir des renseignements sur la pétition en étude sous forme orale ou écrite. Pour être recevable, une pétition doit mentionner les noms et adresse du pétitionnaire ainsi qu'un

Ikibazo kigomba kuba gifitanye isano n'ibyo Abadepite bafitiye ububasha. **<u>Ingingo ya 39</u>:** Buri Komisiyo ihoraho ishinzwe kandi: 1° ibyerekeye isobanurampamo ku mategeko ajyanye n'inshingano zayo; 2° gusuzuma amategeko yakorewe ubugororangingo na Sena ajyanye n'inshingano zayo; 3° gusuzuma ingingo z'amategeko yizwe na yo, Perezida wa Repubulika agasaba ko habaho isuzuma rya kabiri. Isuzumwa rikorwa nyuma y'uko Inteko rusange igezwaho isabwa ry'iryo suzumwa. **<u>Ingingo ya 40:</u>** Kugira ngo Komisiyo zishobore kurangiza inshingano zazo, ingengo rusange y'imari y'Umutwe w'Abadepite ya buri mwaka igaragaza ingengo y'imari igenewe buri Komisiyo.	In order for the petition to be accepted, the name and the address of the complainant and basis of the petition shall be mentioned. The petition must be related to issues of which Deputies have competence. **<u>Article 39</u>** : Each Standing Committee is also responsible for : 1° issues related to the authentic interpretation of laws related to its responsibilities; 2° examination of amendments of laws from the Senate which are related to its responsibilities; 3° examination of provisions of laws it considered of which the President of the Republic requested for reconsideration. The reconsideration is conducted after the Plenary session receives the request of such a re-consideration. **<u>Article 40</u>** : For the Committees to fulfil their responsibilities, the general annual budget of the Chamber of Deputies indicates the budget of every Committee.	exposé des motifs de sa requête. La requête doit porter sur une matière en rapport avec les compétences des Députés. **<u>Article 39</u>** : Chaque Commission permanente est également chargée : 1° des questions relatives à l'interprétation authentique des lois en rapport avec sa mission; 2° d'examiner les lois amendées par le Sénat et en rapport avec sa mission; 3° d'examiner les dispositions des lois qu'elle a examinées et dont le Président de la République a demandé la deuxième lecture. L'examen est effectué après que l'Assemblée plénière en ait été saisie. **<u>Article 40</u>** : Pour permettre aux Commissions de remplir leur mission, le budget général annuel de la Chambre des Députés indique la part du budget destinée à chaque Commission.

Akiciro ka 2: Ibyerekeye Komisiyo zidasanzwe **<u>Ingingo ya 41</u> :** Bisabwe na Perezida w'Umutwe w'Abadepite cyangwa n'Abadepite batanu (5) nibura, bikemezwa n'Inteko Rusange, Umutwe w'Abadepite ushobora gushyiraho Komisiyo zidasanzwe zigenewe kwiga imishinga y'amategeko iyi n'iyi cyangwa gushaka ibyafasha kumenya no gusobanura ibibazo ibi n'ibi. **<u>Ingingo ya 42</u>: Itorwa ry'abagize Komisiyo idasanzwe** **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 30)** Abakandida muri Komisiyo idasanzwe batangwa na Biro y'Umutwe w'Abadepite ariko bakemezwa n'Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari. Inteko Rusange kandi niyo yemeza, ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari, Biro y'iyo Komisiyo igizwe na Perezida na Visi Perezida batanzwe na Biro y'Umutwe w'Abadepite. Perezida na visi Perezida bemezwa n'Inteko Rusange, umwe ukwe undi ukwe.	**Sub-Section 2 : Ad hoc Committees** **<u>Article 41 :</u>** Upon request by the Speaker or at least by five (5) Deputies and upon approval by the Plenary Sitting, the Chamber of Deputies may establish ad hoc Committees for the purpose of examining certain bills of law or obtaining information regarding explanations of certain issues or events. **<u>Article 42 :</u> Election of members of Ad Hoc Committee** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 30)** Candidates of the ad hoc Committee are proposed by the Bureau of the Chamber of Deputies but approved by the Plenary Sitting by an absolute majority of the members present. The Plenary Sitting shall also approve by an absolute majority of the members present at the Plenary Sitting. The Bureau of the Ad Hoc Committee made up of the Chairperson and Deputy Chairperson proposed by the Bureau of the Chamber of Deputies.	**Sous-section 2 : Des Commissions Spéciales** **<u>Article 41</u>** : A la demande du Président de la Chambre des Députés ou de cinq (5) Députés au moins et après approbation de l'Assemblée Plénière, la Chambre des Députés peut constituer des Commissions spéciales pour l'examen de projets ou de propositions de lois déterminées ou pour recueillir des éléments d'informations sur des questions ou des faits déterminés. **<u>Article 42</u> : Election des membres de la Commission Spéciale (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 30)** Les membres de la Commission Spéciale sont proposés par le Bureau de la Chambre des Députés mais approuvés par l'Assemblée Plénière à la majorité absolue des voix des membres présents. l'Assemblée Plénière approuve aussià la majorité absolue des membres présents, le burau de cette commission composé du Président et du Vice-Président proposés par le Bureau de la Chambre des Députés. Le Président et le Vice-Président sont approuvés

Iyo Inteko Rusange itemeje bamwe mu bakandida cyangwa umwe mu bakandida watanzwe na Biro y'Umutwe w'Abadepite, Biro itanga abandi bakandida bemezwa mu nama y'Inteko Rusange ikurikira." **<u>Ingingo ya 43</u>:** Imirimo ya buri Komisiyo idasanzwe irangira iyo itanze raporo y'ibyo yagezeho kandi bigafatirwa umwanzuro n'Inteko Rusange. **Akiciro ka 3: Ibyerekeye ingingo zihuriweho na Komisiyo zose** **<u>Ingingo ya 44</u>: Itumizwa ry'inama za Komisiyo n'ibyo zisuzuma** **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 31)** Inama za Komisiyo zitumizwa mu nyandiko na Perezida wa Komisiyo cyangwa Visi-Perezida wa Komisiyo iyo Perezida adahari, bikamenyeshwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite n'Abadepite bose. Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashobora kandi gutumiza inama ya Komisiyo.	The Chairperson and Deputy Chairperson shall be approved separately. Where one or more of the members proposed by the Bureau of the Chamber of Deputies are not approved, this Bureau shall propose other candidates to be approved in the next Plenary Sitting." **<u>Article 43</u>** : The mandate of each ad hoc committee is terminated when the Plenary Sitting makes a decision on its report. **Sub-section 3: Common provisions to all Committees** **<u>Article 44</u> : Convening and agenda of Committee meetings** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 31)** Committee meetings shall be convened in writing by the Chairperson of the Committee or the Deputy Chairperson if the Chairperson is absent and notified to the Speaker and all Deputies. The Speaker may also convene Committee meetings.	séparément par l'Assemblée Plénière. Lorsque l'Assemblée Plénière rejette un ou plusieurs candidats proposés par le Bureau de la Chambre des Députés, ce Bureau propose d'autres candidats qui seront approuvés lors de la prochaine Assemblée Plénière ». **<u>Article 43</u>** : La mission de toute Commission spéciale prend fin dès que l'Assemblée Plénière a statué sur le rapport des travaux de la dite Commission. **Sous-section 3 : Des dispositions communes à toutes les Commissions** **<u>Article 44</u> : Convocation des réunions des commissions et leur ordre du jour** **Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 31)** Les réunions des Commissions sont convoquées par écrit par le Président de la Commission ou du Vice-Président en cas d'absence du Président et sont communiquées au Président de la Chambre des Députés et à tous les Députés. Le Président de la Chambre des Députés peut également convoquer une réunion d'une commission.

Buri mudepite ubishatse ashobora gukurikirana imirimo ya Komisiyo atanditsemo ariko ntatora. Ibiri ku murongo w'ibyigwa mu nama za komisiyo bishyirwaho na Biro ya Komisiyo ikabimenyesha Biro y'Umutwe w'Abadepite n'Abadepite bose. Iyo Minisitiri w'Intebe cyangwa abandi bagize Guverinoma bari mu nama ya Komisiyo, bahabwa ijambo buri gihe iyo barisabye. Bashobora no guherekezwa n'impuguke bihitiyemo. Izo mpuguke zishobora guhabwa ijambo muri Komisiyo zihoraho gusa. **<u>Ingingo ya 45</u> :** Imirimo muri Komisiyo itangira buri gihe saa tatu za mugitondo ikarangira saa sita z'amanywa. Amasaha ashobora guhinduka byemejwe n'ubwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bagize Komisiyo bahari. **<u>Ingingo ya 46</u> :** Mu gihe cy'inama ya Komisiyo, Abadepite bayitabiriye bashyira umukono ku ilisiti yabigenewe.	Any interested Deputy may attend any meeting of a Committee of which he or she is not a member but has no voting right. The items on the agenda of the Committee meetings are determined by the Bureau of the Committee which informs the Bureau of the Chamber of Deputies and all other Deputies. When the Prime Minister or other members of Cabinet are in the meeting of the Committee, they are given the floor at any time they request for it. They may be accompagnied by experts of their choice. Such experts may be given floor in Standing Committees only." **<u>Article 45</u>** : Committee meetings always start at nine (9:00 a.m) o'clock and end at twelve (12:00 a.m) o'clock. Hours may be changed upon approval by an absolute majority vote of the Committee members present. **<u>Article 46</u>** : During committee meetings, the Deputies present sign	Tout Député peut assister, sans droit de vote, aux travaux d'une commission dont il n'est pas membre. L'ordre du jour des réunions d'une Commission est fixé par le Bureau de la Commission qui en informe le Bureau de la Chambre des Députés et tous les Députés. Lorsque le Premier Ministre et les autres membres du Gouvernement assistent à une, réunion d'une Commission, ils prennent la parole lorsqu'ils la demandent. Ils peuvent être accompagnés d'experts de leur choix. Lesdits experts peuvent prendre la parole seulement dans des Commissions permanentes. **<u>Article 45</u>** : Les travaux en Commissions débutent à neuf (9) heures du matin et se terminent à douze (12) heures. Cet horaire peut être modifié par la majorité absolue des Députés présents, membres de la Commission. **<u>Article 46</u>** : Lors des réunions de la Commission, les Députés présents signent la liste des présences.

<u>Ingingo ya 47</u>: Inama za Komisiyo zibera mu ruhame ariko abazikurikirana ku buryo bw'indorerezi ntibahabwe ijambo. Icyakora, Komisiyo ishobora gutegura inama zihariye ku mushinga w'itegeko abaturage n'abanyamakuru bashobora guhabwamo ijambo. Mu byo Komisiyo imenyesha muri izo nama, harimo uburyo bukurikizwa mu gufata ijambo, igihe ntarengwa cy'ijambo n'uburyo abahabwa ijambo bakurikirana. Komisiyo zakira kandi ibitekerezo byanditse cyangwa ubutumwa bucishijwe mu byuma kabuhariwe bwerekeye imishinga y'amategeko yigwa. Ibitekerezo byakiriwe bishyikirizwa abagize Komisiyo mu gihe gikwiye. Bisabwe na Biro ya Komisiyo cyangwa umwe mu bayigize, bikemezwa na kimwe cya kabiri (1/2) cy'abagize Komisiyo, inama ya Komisiyo ishobora kubera mu muhezo.	on the appropriate list. **<u>Article 47</u>** : Committee meetings are public but the audience shall not be given floor. However, a Committee may organise for special meetings on a bill of law in which the population and journalists may be given floor. Among the issues the Committee announces in such meetings is the procedure that has to be followed in taking the floor, time limit of the floor and the way speakers follow each other. Committees also receive written opinions or electronic mail related to bills of law under debate. Opinions received are passed on to members of the Committee within the appropriate time. Upon request by the Bureau of the Committee or one of its members and upon approval by a half (1/2) of the members of the Committee, the meeting of the Committee may be conducted in camera.	**<u>Article 47</u>** : Les réunions des Commissions sont publiques, mais le public qui y assiste n'a pas droit à la parole. Toutefois, la Commission peut organiser des séances spécifiques pour un projet ou une proposition de loi au cours desquelles le public et la presse peuvent prendre la parole. La commission arrête des mesures déterminant notamment la procédure à suivre pour prendre la parole, le délai imparti à l'orateur et l'ordre des intervenants. Les commissions reçoivent également les avis et commentaires écrits ou par message électronique sur les projets ou propositions de loi en cours de discussion. Les avis et commentaires reçus sont distribués en temps utile, aux membres de la commission. Sur demande du Bureau de la Commission ou de l'un de ses membres et après approbation par la moitié (1/2) de ses membres, les réunions d'une Commission peuvent se tenir à huis clos.

<u>Ingingo ya 48:</u> Gushyingura inyandiko n'andi madosiye bya Komisiyo **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 32)** Komisiyo zishyingura inyandiko n'amadosiye by'inama n'iby'indi mirimo yazo. Buri mushinga w'itegeko usuzumwa uturutse muri Guverinoma cyangwa watanzwe n'Umudepite, ufungurirwa idosiye ku buryo umuntu wakenera kuyigeraho ngo ayisome yayibona. **<u>Ingingo ya 49:</u>** Ibinyujije kuri Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Komisiyo y'Umutwe w'Abadepite ishobora gusaba uwo ari we wese, ibona ko ari ngombwa, kuza kuyiha ibisobanuro byerekeranye n'ibyo isuzuma. **<u>Ingingo ya 50:</u>** Buri Komisiyo igira icyumba cyihariye ikoreramo inama zayo n'icyumba Biro yayo ikoreramo, abakozi n'ibikoresho bya Biro. Iyo bibaye ngombwa, Biro ya Komisiyo ibyumvikanyeho na Biro y'Umutwe w'Abadepite,	**<u>Article 48</u> : Archiving of Committee documents and other files** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 32)** Committees put documents and files of the meeting and other activities in archives. Every government or private member's bill under discussion has its own file in such a manner that any individual who is interested in consulting it may access it. **<u>Article 49</u>** : Through the Speaker, the Committee of the Chamber of Deputies may request any person it considers necessary, to give explanations in relation to issues under discussion. **<u>Article 50</u>** : Each Committee has a separate room for holding its meetings and an office for its bureau, staff and office equipment.	**<u>Article 48</u> : Conservation des documents et autres dossiers de la Commisison** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 32)** Les commissions conservent les documents et dossiers des séances publiques et autres travaux de celles-ci. Un dossier est ouvert pour chaque projet de loi provenant du Gouvernement ou proposition de loi initiée par un Député de telle sorte que toute personne qui veut avoir accès à ce dossier peut le consulter. **<u>Article 49</u>** : Par le biais du Président de la Chambre des Députés, une Commission de la Chambre des Députés peut faire appel à toute personne qu'il estime en mesure de donner des explications en rapport avec les travaux sous examen en commission. **<u>Article 50</u>** : Chaque Commission permanente dispose d'un local distinct pour la tenue de ses réunions et d'un local de travail pour les membres de son Bureau, du personnel et du matériel de bureau. En cas de nécessité, et après consultation entre le

Komisiyo ishobora guteranira ahandi hatari mu Ngoro y'Umutwe w'Abadepite hubahirizwa ibiteganywa n'ingingo ya 44, iya 45, iya 46, n'iya 47 z'iri tegeko ngenga. **<u>Ingingo ya 51</u>: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komisiyo iterane** **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 33)** Kugira ngo inama ya Komisiyo iterane, igomba nibura kugirwa n'ubwiganze burunduye bw'Abadepite bagize Komisiyo. Ibyemezo bya Komisiyo bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, bifatwa ku bwiganze burunduye bw'Abadepite bahari kandi bemerewe gutora. **<u>Ingingo ya 52:</u>** Komisiyo zishobora gushyiraho amatsinda, zikanashyiraho abayagize n'inshingano zabo. Ayo matsinda ashyikiriza raporo Komisiyo yayashyizeho. Biro ya komisiyo ishobora gusaba Biro y'Umutwe w'Abadepite ko itsinda ry'Abadepite bagize Komisiyo boherezwa mu butumwa.	If it is considered necessary, and after consultation of the Bureau of the Committee with the Bureau of the Chamber of Deputies, a Committee may meet in a location other than the Chamber of Deputies building while abiding by the provisions of articles 44, 45, 46 and 47 of this organic law. **<u>Article 51</u>: Quorum required for holding the committee meeting** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 33)** The quorum required for the business by the Committee shall be an absolute majority of its members. Decisions of a Standing Committee or the Committee meeting shall be taken by consensus or, failing which, by an absolute majority vote of the members present and who are allowed to vote. **<u>Article 52</u>:** Committees may establish subcommittees and determine their membership and their responsibilities. Such subcommittees forward reports to the Committee that established them. The Bureau of the Committee may request the Bureau	Bureau de la Commission et le Bureau de la Chambre des Députés, une Commission peut siéger en dehors du Palais de la Chambre des Députés dans le respect des dispositions prévues aux articles 44, 45, 46 et 47 de la présente loi organique. **<u>Article 51</u> : Quorum requis pour la tenue de la réunion d'une commission** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 33)** Pour siéger valablement, une Commission doit compter la majorité absolue des Députés membres de cette Commission. Les décisions d'une Commission sont prises par consensus et, à défaut, à la majorité absolue des Députés présents et ayant le droit de vote. **<u>Article 52</u>** : Les Commissions peuvent constituer des Sous-Commissions dont elles déterminent la composition et la compétence. Ces Sous-Commissions font rapport à la Commission qui les a créées. Le Bureau de la Commission peut demander au Bureau de la Chambre des Députés qu'un groupe de Députés membres de la Commission soit envoyé

Umutwe w'Abadepite utera inkunga yo mu rwego rwa tekiniki buri Mudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite batangije umushinga w'itegeko, kimwe n'uw'ubugororangingo. **<u>Ingingo ya 110 :</u>** Umushinga w'itegeko uri mu ndimi eshatu (3) zemewe n'Itegeko Nshinga uratuburwa, ugashyikirizwa Abadepite, ukanashyirwa ku murongo wa Interineti w'Umutwe w'Abadepite, hasigaye nibura iminsi irindwi mbere yo kujya impaka zo kwemeza ishingiro ryawo. **UMUTWE WA II : IBYEREKEYE KWIGA IMISHINGA Y'AMATEGEKO MURI KOMISIYO** **<u>Ingingo ya 111 :</u> Gushyikiriza Komisiyo ihoraho imishinga y'amategeko (ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 58)** Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza Komisiyo ihoraho umushinga w'itegeko wavuye muri Guverinoma cyangwa watanzwe n'Umudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite, iyo ishingiro ryawo ryamaze kugibwaho impaka rusange mu Nteko Rusange. Izo mpaka rusange zigibwa nyir'umushinga cyangwa uwuhagarariye ahibereye, atanga	The bill shall always be drafted in a manner bills are drafted. The Chamber of Deputies provides technical assistance to any Deputy or group of Deputies who initiates a bill as well as amendments." **<u>Article 110</u>** : The bill drafted in the three (3) official languages recognized by the Constitution is reproduced, transmitted to Deputies and posted on the website of the Chamber of Deputies at least seven (7) days before the scheduled date for debating on relevance. **CHAPTER II : CONSIDERING DRAFT BILLS OF LAW IN COMMITTEES** **<u>Article 111</u> : Transmission of bills to the Standing Committee (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 58)** The Speaker of the Chamber of Deputies transmits to the appropriate Standing Committee, the bill introduced by Government, a Deputy or a group of Deputies, after general debates on its relevance in	La Chambre des Députés accorde l'assistance technique à tout Député ou groupe de Députés qui initie une proposition de loi, ou des amendements. **<u>Article 110</u>** : La proposition de loi rédigée dans les trois (3) langues officielles est multipliée puis distribuée aux Députés et portée sur le site Web de la Chambre des Députés sept (7) jours au moins avant la date fixée pour l'examen de son opportunité. **CHAPITRE II : DE L'EXAMEN DES PROJETS ET DES PROPOSITIONS DE LOI EN COMMISSION** **<u>Article 111</u> : Transmission des projets et propositions de loi à la Commission Permanente (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 58)** Le Président de la Chambre des Députés ne transmet à la Commission permanente compétente que les projets de loi provenant du Gouvernement ou les propositions de loi initiées par un Député ou un groupe de Députés dont l'opportunité a fait l'objet de débats généraux en Séance Plénière. Ces

ibisobanuro bya ngombwa, anasubiza ibibazo bijyanye n'ishingiro ry'umushinga.	Plenary Sitting. Such general debates are conducted in presence of the initiator or the representative of the bill, giving necessary explanations and responding to questions relating to the bill.	débats généraux s'effectuent en présence de l'auteur ou du représentant du projet ou de la proposition qui doit fournir les éclaircissements nécessaires et répondre à des questions concernant l'opportunité du projet ou de la proposition de loi.
Raporo y'impaka rusange ishyikirizwa Komisiyo ibishinzwe ngo inononsore uwo mushinga.	The report of the general debates is transmitted to the relevant committee in order for the examination of the bill.	Le rapport relatif aux débats généraux est transmis à la Commission compétente pour examen approfondi du projet ou de la proposition de loi.
Abadepite bafite ubugororangingo kuri uwo mushinga babushyikiriza Perezida wa Komisiyo bireba, mu nyandiko, bakagenera kopi Abadepite bose kugira ngo bashobore gukora ubugororangingo bw'ingoboka igihe bibaye ngombwa. Ubwo bugororangingo bwakorewe ubundi bugororangingo bushyikirizwa Perezida wa Komisiyo mu nyandiko.	Deputies who wish to propose amendments to the draft bill shall refer them in writing to the Chairperson of the appropriate Committee with a copy to all Deputies to enable them to make sub-amendments if necessary. Those sub amendments are also referred to the Chairperson of the appropriate Committee in writing.	Les Députés qui proposent des amendements sur un projet ou sur une proposition de loi les adressent par écrit, au Président de la Commission concernée en réservant une copie à tous les Députés pour que ces derniers puissent, le cas échéant, faire des sous-amendements. Les sous-amendements sont également adressés par écrit au Président de la Commission.
Umushinga w'itegeko wagiweho impaka muri Komisiyo ntiwongera kugibwaho impaka rusange mu Nteko Rusange. Ubugororangingo bwatanzwe mu nyandiko n'Abadepite, burasuzumwa, Komisiyo ikabufataho umwanzuro.	A bill debated upon in a Committee shall not be debated upon once again in the Plenary Session. The sub-amendments proposed in writing by Deputies, are considered and the Committee takes decision threreon.	Le projet ou la proposition de loi ayant été débattu en Commission ne peut plus faire l'objet de débats généraux en Séance Plénière. Les amendements présentés par des Députés par écrit sont examinés et la Commission y statue.
Haseguriwe ibivugwa mu gika cya 4 cy'ingingo ya 118 y'iri tegeko ngenga, umushinga w'itegeko wagiweho impaka muri Komisiyo ntiwongera gutangwaho ubugororangigo mu Nteko Rusange cyeretse ubw'imyandikire.	Subject to the provisions of paragraph 4 of article 118 of this organic law, a bill that is debated upon in a Committee is not subject to any amendments except on its format.	Sous réserve des dispositions de l'alinéa 4 de l'article 118 de la présente loi organique, pour un projet de loi ayant fait objet d'examen en Commission, ne sont recevables que des amendements de forme en séance plénière.

Ingingo ya 112 : Mu gihe Komisiyo ihoraho imenyesheje ko nta bubasha ifite bwo kwiga umushinga w'itegeko uyu n'uyu, cyangwa iyo ubwo bubasha buhuriweho na Komisiyo zinyuranye, Inama y'Abaperezida ni yo yemeza Komisiyo igomba kuwiga.	**Article 112** : When a Standing Committee declares itself incompetent to consider a draft bill, or when there is a conflict of competence between two or more Committees, the Conference of Chairpersons shall determine which Committee shall examine the draft bill.	**Article 112** : Lorsqu'une Commission permanente se déclare incompétente pour l'examen d'un projet ou d'une proposition de loi, de même que lorsqu'il y a conflit de compétence entre plusieurs Commissions, la Conférence des Présidents décide de la Commission qui doit l'examiner.
Ingingo ya 113 : Biro y'Umutwe w'Abadepite ishobora gufata icyemezo cyo kohereza Komisiyo isuzuma umushinga, ubugororangingo ubwo ari bwo bwose bwaba butaragejejwe kuri iyo Komisiyo mu buryo buteganywa n'ingingo ya 111 y'iri tegeko ngenga.	**Article 113** : The Chamber of Deputies may take a decision to send to the competent Committee responsible for examination of the bill any amendments that might not have been transmitted to it through procedures provided for in article 111 of this organic law.	**Article 113** : Le Bureau de la Chambre des Députés peut décider d'envoyer à la Commission compétente tout amendement dont celle-ci n'aurait pas été saisie suivant les procédures prévues par l'article 111 de la présente loi organique.
Ingingo ya 114 : Kwiga imishinga y'amategeko muri Komisiyo ihoraho (ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 59) Komisiyo ibinyujije kuri Perezida w'Umutwe w'Abadepite, ishobora gutumiza Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta, umuntu uwo ari we wese cyangwa urwego urwo ari rwo rwose bireba, ngo baze gutanga ibisobanuro birambuye ku mushinga w'itegeko ubareba uba usuzumwa na Komisiyo.	**Article 114** : **Consideration of bills within standing Committees (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 59)** Through the Speaker of the Chamber of Deputies, a Committee may call upon a Minister, a Minister of State, any other person, body or any relevant institution	**Article 114** : **Examen des projets de loi et des propositions de loi à la Commission premanente (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 59)** Une Commission peut, par le biais du Président de la Chambre des Députés inviter un Ministre, un Secrétaire d'Etat, toute autre personne ou organisation à venir donner des explications au cours d'une séance de la Commission consacrée à

Komisiyo ikora raporo yerekeye ubugororangingo yashyikirijwe nk'uko iyikora ku mushinga w'itegeko. Raporo ya Komisiyo ku mushinga w'itegeko ryose ishyikirizwa Abadepite, hasigaye nibura iminsi irindwi mbere y'uko igibwaho impaka n'Inteko Rusange. Iyo Komisiyo isabye gusubirana ingingo iyi n'iyi mu rwego rwo kuyisuzuma bundi bushya, Inteko Rusange ibifataho umwanzuro. Raporo ku ngingo yasubijwe muri Komisiyo ishyikirizwa Abadepite mbere y'uko isuzumwa n'Inteko Rusange. Igihe cyose Inteko Rusange itaratorera umushinga w'itegeko ryose, Komisiyo ishobora kwiga bundi bushya ingingo yatowe, bisabwe na Biro ya Komisiyo cyangwa Umudepite, bikemezwa n'Inteko Rusange. Icyo gihe, Komisiyo ishyikiriza raporo Inteko Rusange kugira ngo iyitorere bundi bushya. **UMUTWE WA III : IBYEREKEYE KWIGA IMISHINGA Y'AMATEGEKO MU NTEKO RUSANGE** **<u>Ingingo ya 115:</u>** Umushinga w'itegeko wasuzumwe na Komisiyo	to give their views on the draft bill under examination by the Committee. The Standing Committee shall make a report of amendements as it does on bills. The report of the Standing Committee on the bill shall be passed on to Deputies at least seven (7) days before the debates of the Plenary Session. If the committee requests for retaining a certain article regarding its further examination, the Plenary Sitting makes a decision. The report on the article that was returned to the committee is submitted to Deputies before the Plenary Sitting examines the article. Any time the Plenary Assembly has not adopted the entire bill, the Standing Committee may, upon request by its Bureau, or a Deputy, and after approval by the Plenary Assembly reexamine the voted article. In that case, the committee submits a report to the Plenary Assembly for a new vote. **CHAPTER III : EXAMINATION OF DRAFT BILLS IN PLENARY SITTING**	l'examen d'un projet ou d'une proposition de loi qui l'intéressé La Commission fait rapport sur les amendements dont elle a été saisie, comme elle le fait pour un projet ou une proposition de loi. Le rapport de la Commission relatif à l'ensemble d'un projet ou d'une proposition de loi est distribué aux Députés, sept (7) jours au moins avant la date fixée pour sa discussion en séance plénière. Lorsque la Commission demande le retour d'un article pour réexamen, l'Assemblée Plénière y statue. Le rapport relatif à l'examen d'un article qui a été renvoyé à la Commission est distribué aux Députés avant sa discussion en Séance Plénière. Chaque fois que tout le texte de la loi n'est pas encore voté par l'Assemblée Plénière, la Commission peut, sur demande du Bureau de la Commission ou d'un Député et après approbation de l'Assemblée Plénière, réexaminer l'article qui a été voté. Dans ce cas, la Commission transmet le rapport à la plénière pour le nouveau vote ». **CHAPITRE III : DE L'EXAMEN DES PROJETS ET PROPOSITIONS DE LOIS EN SEANCE PLENIERE** **<u>Article 115</u>** :

ushyikirizwa Abadepite mu ndimi eshatu zemewe n'Itegeko Nshinga mbere y'uko usuzumwa n'Inteko Rusange. **<u>Ingingo ya 116</u> :** Impaka zigibwa mu Nteko Rusange ziri ukubiri: impaka rusange n'impaka ku ngingo. Impaka rusange zigibwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 111 y'iri tegeko ngenga zerekeye ishingiro ry'umushinga w'itegeko, umushinga w'itegeko wose muri rusange, cyangwa buri gice cyawo. Impaka ku ngingo zigibwa kuri buri ngingo no kuri buri bugororangingo burebwa n'izo mpaka. Izo mpaka zigibwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 19 y'iri tegeko ngenga. Ubugororangingo bw'imyandikire ntibugibwaho impaka, ntibunatorerwa. Ingingo z'umushinga w'itegeko zitorwa zitagombye gusomerwa Inteko Rusange. **<u>Ingingo ya 117</u> :** Impaka mu Nteko Rusange zibanza kugibwa ku	**<u>Article 115</u>** : The bill examined by the Committee is transmitted to Deputies in the three (3) languages recognized by the Constitution before the Plenary Sitting examines it. **<u>Article 116</u>** : Debates in Plenary Sittings are of two types : general debates and debates on articles. General debates are conducted in accordance with article 111 of this organic law with regard to the relevance of a bill, the bill in general or its parts. Debates on articles are conducted on each article and on each amendment concerned with that debates. Such debates are conducted in accordance with article 19 of this organic law. Amendments related to form are neither debated nor voted for. Articles of the bill are voted without being read to the Plenary Sitting.	Le projet de loi ayant fait l'objet d'examen en Commission est distribué aux Députés, étant rédigé dans les trois (3) langues officielles reconnues par la Constitution avant d'être examiné par l'Assemblée plénière. **<u>Article 116</u>** : Les débats en séance plénière sont de deux ordres : Les débats généraux et les débats sur les articles. Les débats généraux se déroulent suivant les dispositions de l'article 111 de la présente loi organique. Ils portent sur l'opportunité et la présentation de l'ensemble du projet ou de ses subdivisions. La discussion des articles porte sur chaque article et sur chaque amendement qui s'y rapporte. Elle est menée selon les dispositions de l'article 19 de la présente loi organique. Les amendements de forme ne font pas l'objet de débats ni de vote. Les articles d'un projet ou d'une proposition de loi sont votés sans toutefois être lus devant l'Assemblée plénière. **<u>Article 117</u>** :

mushinga w'itegeko ubwawo, zigakomereza ku bugororangingo buba bwemejwe na Komisiyo. Ingingo zidafite ubugororangingo bwagejejwe kuri Komisiyo zitorerwa nta mpaka. **<u>Ingingo ya 118 :</u>** Igorora ry'ingingo z'umushinga w'itegeko ricishwa mu majwi mbere y'umushinga w'ibanze w'itegeko, naho igorora ry'ingoboka rigacishwa mu majwi mbere y'igorora ry'ingingo z'umushinga w'itegeko. Ubugororangingo cyangwa ubugororangingo bw'ingoboka butemewe na Komisiyo ntibugibwaho impaka mu Nteko Rusange. Icyakora, iyo uwatanze ubugororangingo bwanzwe atari umwe mu bagize iyo Komisiyo, ahabwa ijambo mu Nteko Rusange kugira ngo asobanure ubwo bugororangingo bwe iyo atanyuzwe. Komisiyo isobanura impamvu itabwemeye maze bugatorerwa nta zindi mpaka. Iyo hagaragajwe impamvu zumvikana zatumye ubugororangingo butari ubw'imyandikire budatangirwa muri Komisiyo, butangirwa mu Nteko rusange, ariko kugira ngo Komisiyo izabusuzume byemezwa n'Inteko Rusange.	**<u>Article 117</u>** : Debates in the Plenary Sitting first focus on the bill itself and then on to the amendments adopted by the Committee. Unamended articles transmitted to the committee are voted for without debate. **<u>Article 118</u>** : Amendments to bills are put to vote before the original bill while sub-amendments are put to vote before amendments of the bill. Amendments or sub-amendments rejected by a Committee are not debated in Plenary Session. However, if the person who introduced the rejected amendments is not a member of the committee, he or she is given the opportunity, in case of dissatisfaction, to defend it in the Plenary Sitting. The Committee explains reasons for their rejection and thereafter they are voted for without any further debates. If there are justified reasons as to why the non format amendments are not introduced in the Committee, they	Toute délibération en Séance Plénière porte d'abord sur le texte initial du projet ou de la proposition de loi puis sur les amendements qui s'y rapportent et qui ont été adoptés par la Commission. Les articles sans amendements ayant été transmis à la Commission sont soumis au vote sans débats. **<u>Article 118</u>** : Les amendements des articles sont soumis au vote avant le projet ou la proposition de départ et les sous-amendements sont soumis au vote avant les amendements des articles. Les amendements ou les sous-amendements qui ont été rejetés par la Commission ne sont pas discutés en Séance Plénière. Toutefois, lorsque l'auteur de l'amendement qui a été rejeté n'est pas membre de la Commission, il a droit, s'il n'a pas été convaincu, d'être entendu en Séance Plénière pour défendre son amendement. La Commission présente alors les raisons qui ont motivé le rejet de l'amendement et il est soumis au vote sans débat. Lorsqu'il est présenté des raisons qui ont motivé le retard des amendements de fond en Commission, ils sont présentés en Séance Plénière; mais leur examen en Commission est approuvé par

<u>Ingingo ya 119 :</u> Isubiranwa ry'umushinga rikozwe na Guverinoma cyangwa Abadepite bawutangije **(Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 60)** Iyo Guverinoma ishatse gusubirana umushinga w'itegeko wayo, ku rwego umushinga w'itegeko waba ugezeho rwose, ibisaba mu nyandiko, Inteko Rusange ikabifataho umwanzuro. Ni ko bigenda ku mushinga w'itegeko watangijwe n'Umudepite cyangwa itsinda ry'Abadepite. Inteko Rusange ishobora gufata icyemezo cyo gusubiza umushinga w'itegeko uwawutangije". **<u>Ingingo ya 120 :</u>** Iyo umushinga w'itegeko waturutse muri Guverinoma udatowe, Perezida w'Umutwe w'Abadepite abimenyesha Guverinoma bidatinze, akanamenyesha mu ncamake impamvu zatumye Abadepite batawemera. Guverinoma isabwa kuwusubirana. **<u>Ingingo ya 121 :</u>** Iyo umushinga w'itegeko watanzwe n'Umudepite	are introduced in the Plenary Session but for their consideration by the committee, it is approved by the Plenary Session. **<u>Article 119</u> : Returning of a bill or a private member's bill to the initiator** **(Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 60)** Where the Government decides to withdraw the bill it had introduced irrespective of the legislative stage, it shall put its request in writing, and the Plenary Sitting decides on it. The same shall apply to the private member's bill." The Plenary Sitting may decide to return a bill to its initiator." **<u>Article 120</u>** : If the Government bill is not voted, the Speaker informs the Government without delay and specifies in brief the reasons as to why the Deputies rejected it. The Government is requested to withdraw it.	l'Assemblée Plénière. **<u>Article 119</u> : Retrait du projet de loi ou de la propositon de loi** **(Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 60)** Lorsque le Gouvernement décide de retirer son projet, quelque soit le niveau d'analyse du dit projet, il en fait une demande par écrit, et l'Assemblée Plénière y statue. Il en est de même lorsqu'il s'agit d'une proposition de loi. L'Assemblée Plénière peut prendre la décision de remettre le projet de loi ou proposition de loi à son initiateur. **<u>Article 120</u>** : Si un projet de loi n'est pas adopté, le Président de la Chambre des Députés en informe sans délai le Gouvernement, en précisant brièvement les raisons qui ont motivé son rejet par les Députés. Le Gouvernement est tenu de le retirer. **<u>Article 121</u>** : Les propositions ou projets de lois qui n'ont pas été

cyangwa itsinda ry'Abadepite cyangwa waturutse muri Guverinoma utemewe, ntushobora kugarurirwa Umutwe w'Abadepite muri icyo gihembwe. **<u>Ingingo ya 122</u> : Kwemeza ko itegeko ryemejwe rihuye n'inyandikomvugo, ko iryatangajwe rihuye n'iryatowe n'Inteko Rusange (ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 61)** Iyo umushinga w'itegeko wemejwe, waba waraturutse muri Guverinoma cyangwa mu Badepite, Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite hamwe n'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite, bemeza ko kopi zishyirwa mu bushyinguro bw'inyandiko z'Umutwe w'Abadepite zihuye neza n'inyandikomvugo. Iyo izo kopi zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zemejwe ko zihuye n'inyandikomvugo, Perezida w'Umutwe w'Abadepite yohereza itegeko Perezida wa Sena iyo riri mu bubasha bwa Sena kugira ngo risuzumwe cyangwa Perezida wa Repubulika kugira ngo ritangazwe, akagenera kopi inzego bireba. Iyo itegeko ryasohotse mu Igazeti ya Leta, Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe w'Abadepite hamwe n'abagize Biro y'Umutwe w'Abadepite bakurikirana ko rihuye neza n'iryari ryatowe n'Inteko	**<u>Article 121</u>** : A private Deputy's bill or government bill that is rejected can not be brought back to the Chamber of Deputies during the same session **<u>Article 122</u> : Adopting the conformity of the law adopted with the verbatim report, the law published with the law adopted by the Plenary Sitting (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 61)** Upon adoption of a bill, whether introduced by Government or Deputies, the Clerk of the Chamber of Deputies as well as the members of the Bureau of the Chamber of Deputies, approves that the copies filed in the Chamber of Deputies archives conform to the verbatim report. After the copies referred to in paragraph one of this article are approved to be in conformity with the verbatim report, the Speaker of the Chamber of Deputies sends the law to the President of the Senate if it is within the Senate's competence for its consideration or to the President of the Republic for promulgation and reserves copies to the relevant organs. After the law is published in the Official Gazette, the	adoptés ne peuvent pas être réintroduits à la Chambre des Députés au cours de la même session. **<u>Article 122</u> : Adoption de la conformité de loi adoptée avec le procès verbal, de loi publiée avec le texte de loi votée à l'Assemblée Plénière (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 61)** Lorsqu'un projet ou une proposition de loi a été adopté, le Secrétaire Général de la Chambre des Députés ainsi que les membres du Bureau de la Chambre des Députés, certifient que les copies à classer dans les archives de la Chambre des Députés sont conformes au procès-verbal. Lorsque les copies prévues à l'alinéa premier du présent article ont été certifiées conformes au procès-verbal, le Président de la Chambre des Députés transmet la loi au Président du Sénat lorsqu'elle relève de la copétence du Sénat pour examen ou au Président de la République pour promulgation et en réserve copie aux instances concernées. Lorsque la loi est publiée au Journal Officiel, le Secrétaire Général de la Chambre des Députés ainsi que les membres du Bureau de la Chambre des

Rusange. **Ingingo ya 123:** Hashingiwe ku ngingo ya 108 y'Itegeko Nshinga, iyo Perezida wa Repubulika asabye ko habaho isuzuma rya kabiri ry'itegeko ryatowe, bimenyeshwa Inteko Rusange ikarisuzuma bundi bushya. **Ingingo ya 124 :** Gutangiza ivugururwa ry'Itegeko Nshinga byemezwa na bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abagize Umutwe w'Abadepite. Ivugururwa ry'Itegeko Nshinga risuzumwa n'Inama y'Abaperezida rikemezwa ritowe ku bwiganze bwa bitatu bya kane (3/4) by'amajwi y'abagize Umutwe w'Abadepite. Iyo iryo vugururwa rimaze kwemezwa, ryohererezwa Sena. **UMUTWE WA IV : IBYEREKEYE IMIGENDEKERE Y'IMPAKA MU GIHE BYIHUTIRWA** **Ingingo ya 125 :** Mu gihe byihutirwa, bisabwe na Guverinoma cyangwa byemejwe n'Umutwe w'Abadepite bisabwe n'Umudepite, ingingo z'iri tegeko ngenga zirebana n'ibiri ku murongo w'ibyigwa, ibyo guhindura	Clerk of the Chamber of Deputies as well as the members of the Bureau of the Chamber of Deputies ensure that it is in conformity with the law as adopted by the Plenary Sitting." **Article 123** : Considering article 108 of the Constitution of the Republic of Rwanda, if the President of the Republic requests for the second consideration of the already voted law, it is notified to the Plenary Sitting for reconsideration. **Article 124** : The initiative for constitutional amendment shall be adopted by a two thirds (2/3) majority vote of the members of the Chamber of Deputies. Constitutional amendment is examined by the conference of the chairpersons and approved by three quarters (3/4) majority votes of the members of Chamber of Deputies. After adoption of the amendment, it is submitted to the Senate. **CHAPTER IV : DEBATES IN URGENT CIRCUMSTANCES** **Article 125 :** In urgent circumstances, upon request by the	Députés s'assurent qu'elle est conforme au texte qui a été adopté par l'Assemblée Plénière. **Article 123** : En application de l'article 108 de la Constitution de la République du Rwanda, lorsque le Président de la République demande au Parlement de procéder à une deuxième lecture de la loi déjà votée, l'Assemblée Plénière en est saisie et procède à un nouvel examen. **Article 124** : Le projet de révision de la Constitution est initié par deux-tiers (2/3) des membres de la Chambre des Députés. Le projet de révision de la Constitution est examiné par la Conférence des Présidents et est voté à la majorité des trois quarts (3/4) des voix des Députés. Lorsque la révision est adoptée, elle est transmise au Sénat. **CHAPITRE IV : DE LA PROCEDURE DES DEBATS EN CAS D'URGENCE** **Article 125 :** En cas d'urgence, soit à la demande du Gouvernement, soit sur la décision de la Chambre des Députés prise à la demande d'un Député, les

inyandiko mu rundi rurimi cyangwa ibyo kubahiriza ibihe, ntizikurikizwa. Iyo Umudepite asabye ko umushinga w'itegeko wigwa ku buryo bwihutirwa, Umutwe w'Abadepite ubifatira icyemezo ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'Abadepite bateraniye mu Nteko Rusange. Iyo Guverinoma ibisabye buri gihe irabyemererwa. Iyo byemejwe ko umushinga wigwa ku buryo bwihutirwa, kuwiga cyangwa kwiga ikindi kirebana na wo biza mbere ku murongo w'ibyigwa. **<u>Ingingo ya 126</u>: Gushyikiriza Komisiyo umushingaw'itegeko wihutirwa (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011mu ngingo yaryo ya 62)** Nyuma y'impaka rusange zivugwa mu ngingo ya 118 y'iri tegeko ngenga, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ashyikiriza Komisiyo ibishinzwe umushinga w'itegeko wihutirwa kugira ngo wigwe ku buryo bwihutirwa. Inama y'Abaperezida ishobora kandi gufata icyemezo cyo kuwiga ubwayo. Iyo Inama y'Abaperezida yiga umushinga w'itegeko, Abadepite babyifuza bashobora gukurikirana uko imirimo igenda, ariko ntibashobora gutora.	Government, or on a decision of the Chamber of Deputies at the request of a Deputy, the provisions of this organic law concerning the agenda, translations or time schedule shall be disregarded. When a Deputy requests that a draft bill be urgently examined, the Chamber of Deputies takes a decision by a two thirds (2/3) majority vote of the Deputies present in the Plenary Sitting. When such a request is made by the Government, it shall always be granted. When it is decided that a draft bill or of any other issue be urgently examined, they shall be given priority on the agenda. **<u>Article 126</u>: Transmission of a urgent bill all a private bill to the Committee (Article modified by the Organci Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 62)** After the general debates mentioned in article 118 of this organic law, the Speaker sends the urgent bill to the appropriate Committee for urgent consideration. The Conference of Chairpersons may also decide to consider the bill itself.	dispositions de la présente loi organique concernant l'ordre du jour, la traduction du texte et le respect des délais, ne sont pas prises en considération. Lorsque l'urgence de l'examen d'un projet de loi est demandée par un Député, la Chambre des Députés s'y prononce à la majorité des deux tiers (2/3) des Députés présents en plénière. Lorsque l'urgence est demandée par le Gouvernement, elle est toujours accordée. Dans tous les cas où l'urgence est accordée, l'examen de projet de loi ou de toute autre question y relative a priorité sur l'ordre du jour. **<u>Article 126</u> : Transmission du projet de loi ou proposition de loi urgent à la Commission (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 62)** Après les débats généraux prévus à l'article 118 de la présente loi organique, le Président de la Chambre des Députés transmet à la Commission compétente le projet ou la proposition de loi en question, pour son examen urgent. La Conférence des Présidents peut aussi décider d'examiner elle-même le projet ou la proposition de loi. Lorsque la Conférence des Présidents examine le projet de loi, les Députés peuvent suivre les travaux

Iyo Umutwe w'Abadepite ugomba gufata icyemezo ku buryo bwihutirwa, uyoboye inama y'Inteko Rusange ashobora kugena igihe gihabwa ufata ijambo wese hatitawe ku biteganywa n'ingingo ya 19 y'iri tegeko ngenga. Mu gihe cyo gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'itegeko, bisabwe n'uhagarariye Guverinoma cyangwa Umudepite bikemezwa ku bwumvikane busesuye cyangwa na bitatu bya gatanu (3/5) by'abitabiriye inama, Inteko Rusange yemeza ko uwo mushinga w'itegeko uhita wemezwa mu Nteko Rusange utagombye kunyuzwa muri Komisiyo ibishinzwe. Muri icyo gihe, ubugororangingo bw'ireme n'ubw'imyandikire butangirwa mu Nteko Rusange kandi Minisitiri uhagarariye Guverinoma cyangwa Abadepite batangije umushinga ni nabo bawuhagararira mu Nteko Rusange. **<u>Ingingo ya 127 :</u>** Imaze gutanga raporo, Komisiyo yize umushinga ishobora gusaba ko ingingo zigize umushinga w'itegeko zitorerwa nta mpaka zigiwe. Byemezwa na bitatu bya gatanu (3/5) by'Abadepite bitabiriye inama.	When the Conference of the Chairpersons considers the bill itself, any interested Deputy may attend the debates of the bill but without voting. When the Chamber of Deputies is to make an urgent decision, the Chairperson of the sitting may determine the time limit to be allotted to each member who wishes to speak irrespective of the provisions of Article 19 of this organic law. During the period of consideration of the relevance of a bill, the Plenary Assembly shall, upon request by a Cabinet representative or a Deputy and if approved by consensus or by three-thirds (3/5) of the members present, decide immediate adoption of the bill without it being channeled through the relevant Commission. In that case, amendments to the substance and form of the bill shall be made in the Plenary Sitting in the presence of the Minister representing the Government or the Deputy who participate in the tabling of the bill before the Plenary Sitting. **<u>Article 127</u>** : After submission of its report, the Committee that examined the draft bill may request that the provisions of the bill be put to vote without debate. The request shall be adopted by a three fifths (3/5) majority vote of	de la Conférence sans droit de vote. Lorsque la Chambre des Députés doit se prononcer d'urgence, le Président de la séance peut déterminer la durée de parole à accorder à chaque orateur, indépendamment des dispositions de l'article 19 de la présente loi organique. Au moment d'examiner l'opportunité d'un projet de loi ou d'une proposition de loi, sur demande du représentant du Gouvernement ou d'un Député et sur approbation par consunsus ou par des trois cinquièmes des membres présents, l'Assemblée Plénière approuve que ce projet ou proposition de loi soit immédiatement adopté par l'Assemblée Plénière sans le faire passer dans la Commission concernée. Pendant ce temps, les amendements de fond et de forme sont déposés à l'Assemblée Plénière et le Ministre représentant le Gouvernement ou les Députés qui ont initié le projet ou proposition de loi le défendent à l'Assemblée Plénière. **<u>Article 127</u>** : La Commission qui a examiné un projet ou une proposition de loi peut, après avoir présenté son rapport, demander que les articles du projet ou de la proposition de loi soient soumis au vote sans débats. La décision est prise à la majorité des trois cinquièmes (3/5) des Députés présents.

INTERURO YA III :IBYEREKEYE IMIGENDEKERE Y'IMPAKA KU BYEREKEYE KUMENYA NO KUGENZURA IBIKORWA N'IMIKORERE BYA GUVERINOMA **<u>Ingingo ya 128 :</u>** Mu gihe cy'ibihembwe by'Inteko, inama imwe buri cyumweru iharirwa ibibazo abagize Umutwe w'Abadepite babaza Guverinoma n'ibisubizo ibaha. Akoresheje inyandiko itangirwa icyemezo cy'iyakira, Perezida w'Umutwe w'Abadepite amenyesha Minisitiri w'Intebe ko umwe cyangwa benshi mu bagize Guverinoma batumiwe kuza gusubiza mu magambo mu Nteko Rusange yahariwe ibibazo n'ibisubizo. Abadepite bashobora gutanga ibibazo mbere kandi bigakorwa mu nyandiko.Impaka mu nama rusange zigamije kwiga amabaruwa y'Abadepite na raporo ku byerekeye kumenya no kugenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma, zikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 19 y'iri tegeko ngenga. Nyamara, iyo Inteko Rusange igamije kumva ibisubizo by'ibibazo mu magambo, Abadepite batanze ibyo bibazo cyangwa ababahagarariye ni bo bonyine gusa bafite uburenganzira bwo kwandikwa	Deputies present. **TITLE III : PROCEDURES ON DEBATES FOR OVERSIGHT OF GOVERNMENT ACTIONS** **<u>Article 128</u> :** During legislative sessions, one sitting per week shall be devoted to questions the Deputies ask the members of the executive and the responses thereto. Through a written note with an acknowledgement of receipt, the Speaker shall inform the Prime Minister that one or several members of the Government is or are invited to come and verbally respond in the Plenary Sitting devoted for questions and responses. Deputies may submit questions in writing before the Plenary Sitting. Debates in the Plenary Sitting devoted to the examination of Deputies' letters and reports concerning oversight of Government actions shall be conducted in accordance with article 19 of this organic law. However, where a Plenary Sitting is devoted to	**TITRE III : DES DEBATS PENDANT LES SEANCES DE CONTROLE DE L'ACTION GOUVERNEMENTALE** **<u>Article 128</u>** : Durant les sessions, une séance par semaine est réservée aux questions des Députés au Gouvernement et aux réponses de ce dernier. Par une lettre avec accusé de réception, le Président de la Chambre des Députés informe le Premier Ministre qu'un ou plusieurs membres du Gouvernement sont invités à venir répondre aux questions orales à l'Assemblée plénière réservée aux questions et aux réponses. Les Députés peuvent poser par écrit des questions avant la séance. Les débats en séance plénière consacrée à l'examen des lettres des Députés et des rapports relatifs à l'information et au contrôle de l'action gouvernementale se déroulent selon les dispositions de l'article 19 de la présente loi organique. Toutefois, lorsque la Séance Plénière est consacrée à entendre les réponses sur les questions orales, seuls les auteurs de ces questions

kuri lisiti ya mbere, naho abandi Badepite bose babyifuza bashobora kwiyandikisha kuri lisiti ya kabiri hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 19 y'iri tegeko ngenga. **<u>Ingingo ya 129 :</u>** Raporo yo kubarizwa muri Komisiyo ishyikirizwa Inteko Rusange mu gihe iba yagennye. Icyo gihe gishobora kongerwa bibaye ngombwa. Iyo raporo igomba kugaragaza ko Komisiyo yanyuzwe cyangwa itanyuzwe n'ibisobanuro yahawe kandi ikereka Inteko Rusange umwanzuro Komisiyo ibona ukwiye gufatirwa icyo kibazo. **<u>Ingingo ya 129 bis:</u> Kugeza ku Nteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma (Ingingo yongewemo n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 63)** Rimwe mu gihembwe cy'Inteko Ishinga Amategeko, Minisitri w'Intebe aza gusobanurira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe Yombi iteranye, ibikorwa bya Guverinoma. Umunsi wo kugeza ibikorwa bya Guverinoma ku Nteko Ishinga Amategeko wumvikanwaho na ba Perezida b'Imitwe Yombi y'Inteko Ishinga Amategeko bakabimenyesha Minisitiri w'Intebe.	answers to oral questions, only the Deputies or their representatives who submitted such questions shall have the right to register on the first list, while other Deputies who wish to be registered may do so on the second list in accordance with provisions of article 19 of this organic law. **<u>Article 129</u>** : Reports of committee hearings shall be transmitted to the Plenary Assembly within a period the Plenary session determines. The period may be extended if necessary. The report shall indicate whether or not the committee is satisfied with the explanations it has heard and indicates to the Plenary Sitting its recommendations on the issue. **<u>Article 129 bis</u>: Informing Parliament of Government activities (Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 63)** Once in a parliamentary session, the Prime Minister shall come to Parliament, both Chambers meeting in a joint session, to inform the same of Government activities. The day of presenting Government activities to Parliament shall be agreed upon by the Speaker of the	ou leurs représentants ont droit de se faire inscrire sur la première liste tandis que tous les Députés qui le désirent peuvent se faire inscrire sur la deuxième liste conformément aux dispositions de l'article 19 de la présente loi organique. **<u>Article 129</u>** : Le rapport de l'audition en Commission est transmis à la Séance Plénière dans un délai qui a été fixé par cette dernière. Ce délai peut être prolongé en cas de besoin. Ce rapport doit préciser si la Commission est satisfaite ou pas, des réponses qu'elle a reçues et recommander à l'Assemblée Plénière la conclusion qu'elle juge appropriée sur la question. **<u>Article 129 bis</u> : Informer le Parlement de l'action du Gouvernement (Loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 63** Une fois durant la session parlementaire, le Premier Ministre présente au Parlement, les deux Chambres réunies en séance conjointe, l'action du Gouvernement. Le jour de la présentation de l'action du Gouvernement au Parlement est déterminé par les Présidents des deux Chambres du Parlement, qui en informent le Premier Ministre.

Iyo Minisitiri w'Intebe atabonetse, abimenyesha Inteko Ishinga Amategeko hakagenwa undi munsi.	Chamber of Deputies and the President of the Senate who inform the Prime Minister of the matter. Where the Prime Minister is not able to be present, he/she shall inform Parliament in order to determine another date	Lorque le Premier Ministre n'est pas disponible, il en informe le Parlement pour fixer un autre jour.
INTERURO YA IV : IBYEREKEYE GUSURA ABATURAGE MU RWEGO RW'AKAZI K'UMUTWE W'ABADEPITE	**TITLE IV : FIELD VISITS BY THE CHAMBER OF DEPUTIES**	**TITRE IV : DES VISITES A LA POPULATION DANS LE CADRE DES ACTIVITES DE LA CHAMBRE DES DEPUTES**
<u>Ingingo ya 130</u> : Uko Umudepite asura abaturage (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 64)	**<u>Article 130</u> : Visits of Deputies to the population (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 64)**	**<u>Article 130</u> : Visite du Député à la population (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 64)**
Buri Mudepite afite inshingano yo gusura abaturage kugira ngo amenye ibyiza bibakorerwa n'ibyo bigezaho kandi anamenye ibibazo bafite.	Each Deputy has a responsibility of visiting the population in order to acknowledge the good services rendered to them, their own achievements and to hear their problems.	Chaque Député a le devoir de rendre visite à la population pour se rendre compte des actions en leur faveur et de leurs réalisations personnelles ainsi que de leurs problèmes éventuels.
Iryo surwa rikorwa rinyuze muri za komisiyo no mu mahuriro y'Abadepite biteganyijwe muri iri tegeko ngenga, cyangwa se bigakorwa n'Umudepite ku giti cye.	Such a visit is conducted through Committees and Forums or Networks of Deputies provided for in this organic law, or by a Deputy as an individual.	Cette visite se fait à travers les Commissions, et les Forums ou Réseaux prévus par la présente loi organique ou par un Député sur sa propre initiative.
Umudepite kandi ashobora kumenya ibyiza cyangwa ibibazo by'abaturage anyuze muri Komite Mpuzabikorwa z'Intara yatumiwemo, Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, iz'Uturere, iz'Imirenge n'iz'Utugari.	A Deputy shall also attend meetings of the Coordination Committee of the Province where he/she is invited, City of Kigali Council and District, Sector and Cell Council.	Le Député peut connaître les actions et les problèmes de la population en passant par le biais des Comités de Coordinations des Provinces auxquels il est invité, du Conseil de la Ville de Kigali, celui des Districts, des Secteurs et des Cellules.

Mu nama zivugwa mu gika cya gatatu cy'iyi ngingo, Abadepite batanga ibitekerezo ariko ntibatora. Uretse igihe byihutirwa, gusura abaturage bikorwa mu gihe kitari icy'igihembwe." **<u>Ingingo ya 131 :</u> Kwitabira inama z'inama Njyanama z'imidugudu kw'abadepite (Ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 65)** Mu Nama Njyanama z'Imidugudu babamo cyangwa batuyemo, Abadepite bagira uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo no gutora igihe cy'ifatwa ry'ibyemezo. **<u>Ingingo ya 132:</u>** Iyo Umudepite ari mu nama rusange y'abaturage yatumijwe n'abayobozi agira uburenganzira bwo kunganira inama mu mikemurire y'ibibazo by'abaturage bagaragaza, kandi ahabwa ijambo iyo arisabye kugira ngo agire ikindi ageza ku bateraniye mu nama.	Deputies participating in debates of the meetings referred to under paragraph 3 of this Article but have no voting rights. Except in cases of urgency, visits to the population shall be conducted during parliamentary recess." **<u>Article 131</u> : Participation of Deputies in Village Council meeting (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 65)** In Village Council of their residence or domicile, Deputies are entitled to rights of expressing their views and to participate in voting during times of taking decisions. **<u>Article 132</u>:** If a Deputy is in the general meeting of the population convened by the leaders, he or she is entitled to the right of supplementing the leaders regarding the settlement of complaints of the population raised and he or she shall be given floor if he or she requests for it so that he or she may present any other issue to the people present in the meeting.	Dans les réunions prévues au troisième alinéa du présent article, ils donnent des avis, mais n'ont pas droit de vote. Sauf en cas d'urgence, les visites à la population se font en dehors de la session. **<u>Article 131</u> : Participation des Deputés aux réunions du Conseil de village (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 65)** Dans la réunion du Conseil de Village de leur résidence ou de leur domicile, les Députés peuvent donner leurs opinions et ont droit de vote. **<u>Article 132</u>** : Lorsqu'un Député se trouve dans une réunion publique de la population convoquée par des autorités, il a droit de faire des interventions pour aider ces autorités à résoudre les problèmes posés par la population et il a droit à la parole s'il la demande pour toute autre communication aux participants de la réunion.

Ingingo ya 133: Kugira ngo isurwa ry'abaturage rigende neza, Umudepite abimenyesha mu nyandiko Perezida w'Umutwe w'Abadepite, na we akabimenyesha ubuyobozi bireba igihe cyose bishoboka. **Ingingo ya 134 :** Igihe umudepite yagiye gusura abaturage ku buryo buteganyijwe mu ngingo ya 130 y'iri tegeko ngenga, ahabwa ibyangombwa n'Umutwe w'Abadepite . **Ingingo ya 135 :** Igihe urinda Umudepite ajyanye na we mu butumwa, ahabwa n'Umutwe w'Abadepite amafaranga y'ubutumwa angana n'ay'abandi bakozi ba Leta bari mu cyiciro kimwe. **INTERURO YA V : IBYEREKEYE IMIKORANIRE Y'UMUTWE W'ABADEPITE N'UMUTWE WA SENA** **Ingingo ya 136 :** Inteko Ishinga Amategeko yose ishobora gutumizwa mu gihembwe kidasanzwe byumvikanyweho na ba Perezida b'Imitwe yombi, bisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa na kimwe cya kane (1/4)	**Article 133:** In order for the visits to the population to be conducted smoothly, the concerned Deputy shall inform in writing, the Speaker who, in turn, informs the relevant authorities at any convinient time. **Article 134** : When a Deputy conducts visits to the population through procedures provided for in article 130 of this organic law, he or she shall be provided with necessaries by the Chamber of Deputies. **Article 135** : A security officer assigned to escort a Deputy on a field mission gets from the Chamber of Deputies a travel allowance equivalent to that given to a servant of a similar level. **TITLE V : RELATIONS BETWEEN THE CHAMBER OF DEPUTIES AND THE SENATE** **Article 136 :** The Parliament may be convened in an extraordinary	**Article 133** : En vue d'une meilleure organisation de la visite à la population, le Député en informe par écrit le Président de la Chambre des Députés et ce dernier en informe l'autorité administrative concernée chaque fois que c'est possible. **Article 134** : Lorsqu'un Député rend visite à la population dans les conditions prévues par l'article 130 de la présente loi organique, il bénéficie des facilités accordées par la Chambre des Députés. **Article 135** : L'agent de sécurité d'un Député en mission officielle, bénéficie de la part de la Chambre des Députés des frais de mission équivalents à ceux des autres agents de l'Etat du même rang. **TITRE V : DES RAPPORTS ENTRE LA CHAMBRE DES DEPUTES ET LE SENAT** **Article 136 :** Le Parlement peut être convoqué en session extraordinaire après concertation des Présidents des deux Chambres, sur demande du Président de la

cy'abagize buri Mutwe. **<u>Ingingo ya 137 :</u> Itorwa ry'Ingengo y'imari ya Leta (ingingo yahinduwe n'itegeko ngenga N°01/2011/OL ryo kuwa 25/02/2011 mu ngingo yaryo ya 66)** Buri mwaka w'ingengo y'imari ya Leta, Umutwe w'Abadepite utora itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta. Buri mwaka w'ingengo y'imari ya Leta kandi mbere y'itangira ry'igihembwe kigenewe kwiga ingengo y'imari, Guverinoma ishyikiriza Imitwe yombi *y'*Inteko Ishinga Amategeko, umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari y'umwaka w`ingengo y`imari ukurikira. Icyakora, gusuzuma ishingiro ry'umushinga w'ingengo y'imari ya Leta bikorwa n'Umutwe w'Abadepite. Mbere y'uko ingengo y'imari ya Leta yemezwa burundu, Sena igomba gushyikiriza Umutwe w'Abadepite icyo ivuga ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta. Itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta rigena umutungo Leta izinjiza n'uzakoreshwa mu buryo buteganywa n'itegeko ngenga ryerekeye imari n'umutungo by'igihugu. Iryo tegeko ngenga rinagena umunsi	joint session after consultations between the Presidents of both Chambers, at the request of the President of the Republic or that of a quarter (1/4) of the members of each Chamber. **<u>Article 137</u> : Adoption of the finance bill (Article modified by the Organic Law N°01/2011/OL of 25/02/2011 in article 66)** Every financial year, the Chamber of Deputies shall adopt the finance law. Every financial year and before the commencement of the session devoted to the examination of the Budget, the Cabinet shall submit to both Chambers of Parliament the finance bill for the following financial year. However, the examination of the relevance of the State finance bill shall be carried out by the Chamber of Deputies. Before the final adoption of the Budget, the Senate must provide the Chamber of Deputies with its opinion on the State finance bill. The State finance law shall determine the revenue and	République ou d'un quart (1/4) des membres de chaque Chambre. **<u>Article 137</u> : Vote de la loi budgétaire (Article modifié par la loi organique N°01/2011/OL du 25/02/2011 dans son article 66)** Pour chaque exercice budgétaire, la Chambre des Députés vote la loi des finances de l'Etat. Pour chaque exercice budgétaire, et ce avant l'ouverture de la session consacrée à l'examen du budget, le Gouvernement soumet aux deux Chambres du Parlement un projet de loi des finaces de l'exercice suivant. Toutefois, l'opportunité du projet de loi des finances de l'Etat est examinée par la Chambre des Députés. Avant l'adoption définitive du budget, le Sénat doitdonner à la Chamb des Députés son avis sur le projet de loi des finances de l'Etat. La loi des finances de l'Etat détermine les ressources et les charges de l'Etat dans les conditions prévues par une loi organique relative

